

INYIGISHO YA BURI MUNSI  
IJAMBO RYAWE RYA BURI MUNSI

IGICE CYA 1

Mut-Gash-Wer

2  25

# Inkuru Nziza


BURI MUNSI

**NTA KIGUZI**  
KUGURISHWA NTIBYEMEWE  
IYI NYIGISHO YAMAZE  
KWISHYURWA  
N'ABAFATANYABIKORWA  
KUGIRA NGO ISAKAZWE KU  
BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure (**Imigani 25:25**)

*Uebert & BeBe*  
**ANGEL**

## UEBERT NA BEBE ANGEL




NHamwe n'imyaka myinshi bamaze mu murimo, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubutu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki' Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, ndetse n'inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo.

Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.

## UBUSOBANURO KU NYIGISHO Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ni igikoresho gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri muni w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri muni bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiyeye ku nyigisho zizana impanduka ndetse ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka buri mezi ane, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bese ku isi yose.



Kuwa Gatatu, Mutarama 1

## UBWIBONE NIBWO BUBANZIRIZA KUGWA

**1 Petero 5:5**

**Namwe basore mugandukire abakuru. Mwese mukenyere kwicisha bugufi kugira ngo mukorerane, kuko Imana irwanya abibone naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu.**

Nubwo imvugo y'uko "ubwibone nibwo bubanziriza kugwa" yamamaye mu Bukristo ndetse no mu isi ku kigero kimwe, ivugwa mu nyandiko ndetse no mu mbwirwaruhame no mu buryo busakaza amakuru muri iki gihe, ariko ubusobanuro bwayo buva byuzuye mu mahame ya Bibiliya! Bibiliya itubwira ko nuba ushaka kugira imigisha impamo mu buzima bwawe, ugomba kugenzura neza ko utuzuye ubwibone!

Abantu benshi uyu muni babaswe n'ubwibone kubera ko badafite ubumenyi bw'icyo bivuze kugira ubwibone. Iyo ufite ubwibone, uba ufite kwizera kurenze urugero mu bushobozi bwawe udaha agaciro Ubuntu bw'Imana buri gukora mu buzima bwawe! Umurongo wo haruguru utwerekako ahubwo Imana irwanya abibone, igaha Ubuntu abicisha bugufi. Uko dutangira umwaka mushya, umunyururu ukomeye wo guca ni ubwibone. Ntubwemerere ko buhungabanya ubuhamya bwawe muri uyu mwaka. Wambare umwambaro wo guca bugufi maze ubone umwuzuro wo kwigaragaza k'umwaka nk'uca iminyururu!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Muri uyu mwaka mushya, guca bugufi bizamfasha kuzamuka! SINZEMERERA UBWIBONE KUNYUZURAMO! Buri mugozi waremewe gusubiza inyuma 2025 yanjye URACITSE mu Izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 16:18

**Ese witeguye gutangira umukoro wo gusoma Bibiliya wawe mu minsi 365?**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 1-3

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mutarama 2

## TEGEKA IGITONDO CYAWE

**Yobu 38:12-13**

**Mbese aho wabereye hari ubwo wategetse ko bucya, Ugatambikisha umuseke igihe cyawo, Kugira ngo ufate ku mpera z'isi, Uzikunkumuremo abanyabyaha?**

Ese uziko ushobora gutegeka igitondo cyawe? Ku Bakristu benshi, igisubizo cyeruye kuri iki kibazo ni 'Oya!' iranguruye. Nubwo Ijambo ryerekana akamaro ko gutegeka iminsi yawe mu ngero nyinshi zo muri bibiliya, benshi baracyagenda mu buzima bwabo bahumye badaha agaciro imbaraga Imana ibabundikiriye. Nk'umwana w'Imana, yaguhaye imbaraga zo kurema ahazaza hawe mbere yuko uhinjiramo. Izi mbaraga, ariko, ntizikora byuzuye iyo, aho kugira ngo ubyuke utegeke umunsi wawe ahubwo ubyuka ureba ubutumwa bugufi muri telefoni yawe akaba aribyo by'ingenzi!

Uhereye uyu munsi, ugire ubu bushobozi wahawe n'Imana ikintu cya ngombwa muri gahunda z'igitondo cyawe. Iyo utegetse iminsi yawe, ntabwo uba uri kuremera inzira ahazaza hawe gusa, ahubwo uba urimo no guca iminyururu no guhungabanya imigambi y'umwanzi mbere yuko anagira amahirwe yo kuguhungabanya cyangwa se kukugirira nabi!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndagutegeka wowe gitondo kugira ngo ureme umuvuduko w'umunsi w'intsinzi none. Ndashyamba ko umunsi wanjye uraba umunsi wo guca iminyururu mu buri gice cy'ubuzima bwanjye. Ndi intsinzi ihanye muri iyi 2025. Haleluya!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 5:3

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiro 4-7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mutarama 3

## UMWANZI KU MAVI

### Abafilipi 2:10-11

**kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo muni y'isi, kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe.**

Bibiliya itubwira ko ibibazo byose uhura nabyo mu buzima bwawe, yaba ibyo mu Ijuru, ibiri mu isi ndetse no muni y'isi, bigomba gupfukamira izina ry'Umwami Yesu Kristu. Nyamara Abakristo benshi bashobora gutanga ingero nyinshi z'aho bakoresheje izina rya Yesu, maze ibibazo byabo ntibihinduke cyangwa bikarushaho gukomera! Impamvu iroroshye. Mu busobanuro bw'umwimerere, 'izina' risobanurwa n'ijambo anoma, risobanuye imiterere na kamere. Benshi bahamagara izina ry'Imana ariko ubuzima bwabo ntibugaragaza ubumana na gato.

Izina ry'Umwami Yesu Kristo si ijambo banga ukoresha kugira ngo uce iminyururu ahubwo ni ikintu gisaba ko ubuzima bwawe kuba indorerwamo y'imbaraga ushaka kugeraho. Nk'umwana w'Imana, genzura neza ko uri mu murongo umwe na kamere ya Kristo maze uzabona umwanzi yapfukamye mu buzima bwawe!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye bugaragaza Imana nzima iri muri nje. Uyu muni, ndahamagara Izina ry'Umwami muri kamere Ye, kandi iminyururu yose igomba gucika iracika uyu muni! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 14:11

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 8:1-11:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mutarama 4

## NTABWO NDI IKOSA RY'IMANA

**Yeremiya 1:5**

**“Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho kuba umuhanuzi uhanurira amahanga.”**

Ntabwo uri ukosa ry’Imana! Abantu benshi babaho ubuzima bwabo bwa buri muni bahuza uburyo baje mu isi cyangwa ahantu bari habakikije habafiteho ububasha. Nyamara Ijambo ry’Imana ritwerekako ko na mbere yuko uremwa, hari agaciro karemano kashyizwe mu buzima bwawe. Mu murongo wo haruguru, tubona Imana ivugisha Yeremiya, imwerekako ko na mbere yuko aremwa mu nda ya nyina, Imana yamushyiriyeho kuba umuhanuzi w’amahanga! Muri ubwo buryo, Imana yerekana mu Ijambo ryayo ko yashyize agaciro ku buzima bwawe na mbere yuko uba ikiremwa kigaragara.

Nk’Umwana w’Imana, ni inshingano zawe kumenya neza kandi ukagendera mu gaciro Imana yamaze gushyira ku buzima bwawe! Uri uca-iminyururu, inzu y’ingufu idahagarikwa! Ukomezwe n’impano y’Imana iri uri wowe, kandi uzabona imigisha y’Imana uko utigeze uyibona mbere muri uyu mwaka!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

SI NDI IMPANUKA! Imana yandemanye agaciro karemano nk’impano idasanzwe. Singira ubwoba. Imana ituye muri nje, kandi ndabikoresha binzaniye inyungu uyu muni, mu Izingira rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 139:14

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Itangiro 11:10-14:13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mutarama 5

## MUHE IMINSI ITATU GUSA

**Luka 22:53-54**

**Nahoranaga namwe mu rusengero iminsi yose, ko mutarambuye amaboko ngo mumfate? Ariko noneho iki ni igihe cyanyu n'icy'ubutware bw'umwijima." Baramufata baramujyana, bamushyira mu nzu y'Umutambyi mukuru, ariko Petero amukurikira arenga ahinguka.**

Icyanditswe cyo haruguru kitubwira Yesu Kristu yari agambanirwa akaza no gufatwa agafungwa. Muri uyu mwanya, ukuri k'umwuka kuragaragazwa! Umwami Yesu aravuga, "iki ni igihe cyanyu n'icy'ubutware bw'umwijima." Sibitangaje ukuntu Umwami Yesu yashoboraga kumenya igihe aho umwanzi yatekerezaga ko yatsinze? Ariko ntibari baziko, bakoze uruhare rwabo mu gusohozwa umugambi mwiza w'Imana. Mu minsi itatu gusa, Umwana w'Imana wazutse, ufite ubwiza yagiye ahagaragara ngo bose bamubone, harimo n'abamufatiye imigambi mibi!

Rimwe na rimwe mu buzima bwawe, ushobora kwisanga mu bihe aho bigaragara ko umwanzi yameze gutsinda. Nyamara muri icyo gihe imbaraga z'umwijima ziba ziri mu mugambi wo kuzamurwa kwawe! Izere Imana maze urebe uko Izamura ubuzima bwawe bwose bukaba bwiza! Ugire icyizere mu Mana yo yarebye urupfu mu maso kandi ikarunesha. Uzabona iminyururu icika mu buzima bwawe kurusha uko byigeze bibaho mbere muri uyu mwaka!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nk'ibishashi bizamuka mu birimi by'umuriro, nzagera mu kure cyane muri uyu mwaka. Buri mugambi wose w'umwanzi washyiriweho guhungabanya ahazaza hanjye uracecekeshejwe uyu muni! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 30:11-12

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiro 14:14- 18:8

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mutarama 6

## NTA GUTUNGURWA

**Zaburi 91:11-12**

**Kuko azagutegeker aamarayika be, Ngo bakurindire mu nzira zawe zose. Bazakuramira mu maboko yabo, Ngo udakubita ikirenge ku ibuye.**

Ese ndamutse nkubwiyeko ubuzima Imana yaguteganyirije kubaho ari ubuzima aho nta gitero nta kimwe cy'umwanzi kigomba kugutungura? Nk'umukristo, ntabwo ushobora guhumishwa n'ibitero by'umwanzi. Imana yaguhaye abamarayika bakureberera, bivuze ko bakora amasaha y'ikirenga kugira ngo bagenzure neza ko urinzwe icyaguhungubanya cyose!

Nk'umwana w'Imana Nzima, ntugomba kwemerera ibintu nk'ubwoba no guhangayika ko byangiza iminsi yawe kubera ko Imana yashyizeho amabwiriza yo kukurinda ku bintu byose bijyanye n'ubuzima bwawe. Iyo ubaho mu bwoba, uba uciye amazi uburinzwe uhabwa n'Imana muri Kristo maze ukemerera umwanzi kukugiraho ububasha. Turi mu mwaka wahanuwe. Iminyururu yose nta yandi mahitamo ifite uretse gucika ikagwa ku itegeko ryawe. Gendera muri uku kuri guhoraho ko ukorera Imana ihora iri maso kurusha ibigo byose bikomeye bishinzwe kurinda umutekano!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Sinshobora guhumishwa amaso, kandi ubwoba no guhangayika ntibizigera bitera ubuzima bwanjye. Imana ifite abamarayika bakora amasaha y'ikirenga ku bwanjye. Nkorera Imana ihora iri maso! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 3:3

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 18:9-21:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Kabiri, Mutarama 7

## AMASHAMI MU MIRIMA Y'IMIZABIBU

**Yohana 15:5**

**“Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.**

Nk'umwana w'Imana, uri ishami rifashe ku Muzabibu utunganye! Iyo wiga ibijyanye n'ibimera (ubushakashatsi bugendanye n'ibimera ndetse n'ibidukikije), umuzabibu utanga amazi ndetse n'itungamubiri ku mashami yawo, kugira ngo bitohe. Muri ubwo buryo, nk'amashami mu Muzabibu Uhoraho, Yesu Kristo, aha abana be amazi y'ubugingo no gukira mu mibiri yabo! Ntiwakwemerera indwara cyangwa ibyorezo ko bitera mu mubiri wawe mu gihe uzi nyiri Umuzabibu utuyemo. Bibiliya itwerekako ufite ubuzima bwa Kristo muri wowe; rero, ntugatinye icyo umwanzi yageregeza kugukorera.

Muri Bibiliya, Intumwa Pawulo agaruka ku cyanditswe cy'uyu muni: “Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.” Yasobanukiye ko, nk'ishami, afite ubushobozi bwo gukora buri kimwe cyose kubera imbaraga yahawe n'Imana. Sobanukirwa amahirwe atagira umupaka n'imabaraga byawe uyu muni binyuze mu kumenya neza uwo uhujwe na we.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi ishami ku Muzabibu uhoraho w'Imana; isoko y'imbaraga zanjye ituruka muri We. Sindubuhangayikishwe n'ikibazo na kimwe cyaza mu nzira zanjye uyu muni. Ncometswe neza ku Muzabibu ukomeye, Yesu Kristo!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 4:13

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 21:22-24:27

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mutarama 8

## **BYOSE KUBW'ICYUBAHIRO CY'IMANA**

**1 Abakorinto 10:31**

**Namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana.**

Nubwo iki cyanditswe cyamamaye cyane mu Bakristo ku isi yose, benshi bananirwa kugishyira mu bikorwa! Iki cyanditswe, nubwo kigaragara nk'icyoroshye, gifite ubutumwa bukomeye kandi bufite agaciro kanini; ese wamaze gufata icyemezo gutanga byose kubw'icyubahiro Cyeye? Kubaho ubuzima buhesha Imana icyubahiro birenze gukurikirana gahunda zo ku rusengero, cyangwa se kujya mu materaniro buri ku Cyumweru, ni uguhitamo gutanga buri gice cyose cy'ubuzima bwawe ukemera kuyoborwa na Kristo!

Ingero nyinshi muri Bibiliya zerekana ko ikintu cyose udahaye Imana, Satani azagerageza kugikoresha yica ahazaza hawe! Wige gushyira Imana mu byo ukunda, mu rushako rwawe, mu bucuruzi, no muri buri kimwe cyose kikwerekeye. Uko ubikora, ugira ubushobozi bwo guca buri migozi kandi ntiwemerere Satani ko akuyobya cyangwa ko agutera.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Uyu muni mpisemo guha ubuzima bwanjye bwose Imana. Buri kintu cyose nkora uhereye uyu muni, kizaba ari ikiyihesha icyubahiro. Uko menyesha imigambi yanjye yose Imana, intsinzi yanjye irizewe.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 16:3

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 24:28-26:35

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mutarama 9

## UMVIRA UMUTIMA WAVE

### Yeremiya 17:9

**Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukira. Ni nde ushobora kuwumenya uko uri?**

Mu gihe imvugo nka umvira umutima wawe cyangwa kurikira umutima wawe zamamaye, bishobora kugutungura kumenya ko Bibiliya itazishyigikira, ntabwo zigufasha mu rugendo rwawe na Kristo! Imvugo nk'izo zamamazwa mu isi mu miyoboro y'ubuvanganzo, indirimbo, cyangwa imivugo kugira ngo bagabanye imbaraga Imana yagushyizemo. Umurongo wo haruguru ugaragaza ko hejuru ya byose, yego ni byo, si bimwe na bimwe, si byinshi, ahubwo hejuru ya byose, umutima urashukana.

Nk'Umwana w'Imana, ntugomba kwemera ko umutima wawe utegeka amahitamo y'ubuzima bwawe cyangwa uko witwara mu bibazo. Umutima ugira ubugome bwinshi, kandi nuwumvira, ushobora kwijyana mu mugambi w'umwanzi utabishakaga. Ahubwo, uje uyoborwa n'umwuka w'Imana uri muri wowe nk'umuyobozi wawe ugufasha guca mu bice byose by'ubuzima. Wige gukurikira Umwami wenyine n'Ijambo rye maze ubeho ubuzima butagengwa n'amarangamutima n'ibiyumviro by'umutima!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kuyobywa ahubwo mpisemo kuyoborwa n'Umwuka w'Imana uri muri nje wonyine. Buri musozi utinyuka guhagarara mu nzira yanjye uyu muni urimbuwe n'imbaraga za Yesu. Ngendera mu kuyoborwa n'Imana, nsenya ibinyitambika byose n'umugambi w'umwanzi. Intsinzi ni iyanjye mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 32:8

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 27-29

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mutarama 10

## TURAGERAGEZWA NTIDUSHIMWA

### Abagalatiya 1:10

**Mbese noneho ni ishimwe ry'abantu nshaka, cyangwa ni iry'Imana? Cyangwa se ni abantu nshaka kunezeza? Iyaba nkinezeza abantu simba ndi imbata ya Kristo.**

Uyu muni, benshi babaye imbata zo gushaka gushimisha abandi kugira ngo bamenyekane kandi bakundwe. Ariko, mu minsi ya kera, intumwa nyinshi, abahanuzi, n'abavugwa muri Bibiliya bubashywe mu Bukristo baratotejwe kubera ukwizera kwabo mu Mana! Nubwo kumenywa na benshi atari bibi, reka uko kumenyekana ugira kube imbuto y'imirimu ikomeye wakoze mu mubiri wa Kristo.

Intumwa Pawulo yanditse ibitabo byishi byo mu Isezerano Rishya ari mu maboko y'Abaroma. Yeremiya yahoraga arwanywa kandi yanzwe ndetse n'abari inshuti ze kubera ubuhanuzi bwe. Yohana yanditse igitabo cy'Ibyahishuwe igihe yari yaratawe ku cyirwa cy'i Patimo. Nubwo izi ntware zo muri Bibiliya zahuye n'ibigoye, impinduka bazanye zimaze imyaka ibihumbi! Urugendo ryawe n'Imana si amarushanwa yo kumenyekana; ahubwo ni amahirwe yo kuzana impinduka nziza ku mamiliyoni y'ubugingo bwazimiye. Zana iyo mpinduka itazigera isibangana aho utuye, mu kazi kawe cyangwa ku ishuri ryawe. Ca iminyururu iri aho utuye, mu kazi kawe no ku ishuri aho wiga. Hitamo uyu muni gukora ibidasanzwe ku bwa Yesu Kristo!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nahamagariwe guca iminyururu no guhindura ubuzima. Amahanga abona impano y'Imana iri muri nje, kandi ndi icyamamare mu Ijuru. Kubw'ubuntu bwayo, nkandagira ibigeragezo kandi nyobora benshi ku gakiza. Ndatura intsinsi no gukomera ku bw'Ubwami bwayo, mu Izina rya Yesu. Amen!

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abatesalonike 2:4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 30:1-31:42

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mutarama 11

## NTA KINDI URETSE UKURI

**Yohana 17:17**

**Ubereshe ukuri: ijambo ryawe ni ryo kuri.**

Nta cyanditswe cyo muri Bibiliya kigerageza kwemeza ko Imana iriho kuko ibi ari ukuri! Niba utizera, ni inshingano zawe kwemeza ko itariho. Iyo bije ku kugendera mu Mana cyangwa se mu nzira zayo, wiga ko utagerageza ukuri, ahubwo uragukoresha! Iyo winjiye mu nzu ikorerwamo imyitozo ngororamubiri, ntabwo ugenzura ko niwitoreza ku byuma byo guterura ibiro imikaya yawe izakomera. Winjiramo uziko ari ko biri bugende! Ntabwo uba ugiye gupima ibyo byuma; ahubwo, ukoresha ubumenyi ufite kuri ibyo byuma.

Imvugo nka, “niba Imana ari Imana, igomba kunkiza,” cyangwa se “ndi gusenga kugira ngo ndebe ko Imana ibikora” ziri kuba izisanzwe mu Itorero. Iyo umenye ko Ijambo ry’Imana Atari ikindi uretse ukuri, gushidikanya birashira! Hitamo kugendera muri uku kuri uyu muni, maze uzabona iminyururu ikomeye washakaga guca igwa hasi nk’amavuta y’inka aciwemo n’icyuma gishyushye!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ijambo ry’Imana ni ukuri kuzuye! Ku bw’iri Jambo ridahinduka, ndatega buri munyururu wose gucika NONAHA mu Izina rya Yesu! Kubohoka kuri buri mugenzi wose ni ibyanjye; gukira indwara bitebwa mu mubiri wanjye. Nta ntwaro yacuriwe kundwanya izigera itsinda, kandi buri rurimi ruhagurukira kunshinja ruzatsindwa. Ngendera mu bwiza bw’ubumana, n’imigisha ihebuje, no kunesha kudasanzwe. Uyu muni urira nanze ubuhama, mu Izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 14:6

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Itangiriro 31:43-34:31

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mutarama 12

## **UBURINZI BW'ABATANGABUHAMYA B'IMANA**

**Itangiro 12:3**

**Kandi nzaha umugisha abakwifuriza umugisha, kandi uzakuvuma nzamuvuma, kandi muri wowe ni mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha.”**

Mu butabera nshinjabyaha no mu kubahiriza amategeko, habamo ikitwa Uburinzi bw'abatangabuhama! Uburinzi bw'abatangabuhama cyangwa se WITSEC muri America, burinda abatangabuhama bashobora kugirirwa nabi, muri iyi gahunda, ahabwa umwirondoro mushya, bikamurinda abanzi; ibi bitera imbaraga abatangabuhama zo guhama badatinya inkurikizi no kugirirwa nabi.

Nk'umwana w'Imana, uri umutangabuhama w'ubwiza bwayo! Igihe wayihaga ubuzima bwawe, wakiriye umwirondoro mushya, kandi imboni y'umwanzi yarahindukijwe. Nk'umuhamya w'icyubahiro cy'Imana, abarwanyaga Aburahamu bahuye n'ibihano bivuye ku Mana, kandi n'abamwifurizaga ineza bahabwaga umugisha. Niko, nawe uri muni y'uburinzi buturuka muri leta y'Ijuru buhora. Uhamye ushize amanga iby'ubuntu bw'Imana, uzi neza ko ntawakugirira nabi. Ca iminyururu yose igufatanyije n'ubwoba, Satani ntiyagukoraho ubu!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ninjye muri gahunda y'Imana yo kurinda abatangabuhama bayo. Ni iki natinya? Kamere yanjye ya kera yakuweho, kandi amaso y'umwanzi arahindukijwe ava ku buzima bwanjye! Sinkorwaho muni y'uburinzi bw'Imana. Abamarayika bayo barankikije kandi igikundiro cyayo kingenda imbere. Ndatira gushira amanga kugira ngo mpamye ineza y'Imana, nzi neza ko nta kibi cyambaho. Ngendera mu mahoro, mu ntsinzi no mu gushira amanga kutanyeganyega. Ubuzima bwanjye bugenda bworohereye uherye none. Haleluya!

### **IBINDI BYANDITWE**

Abaroma 8:31

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiro 35:1-37:24

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mutarama 13

## EJO HASHIZE HARAHISE

**Yesaya 43:18-19**

**“Ibya kera ntimubyibuke, kandi ibyashize mwe kubyitaho. Dore ngiye gukora ikintu gishya, ubu ko kigiye kwaduka ntumuzakimenya? Nzaharura inzira mu butayu, ntembeshe imigezi mu kidaturwa.**

Ntushobora guhindura ejo hashize, ariko ushobora gukora ikintu uyu muni cyahindura ejo hazaza! Mu gihe udashobora guhindura amakosa wakoze kera, ushobora kwishyira mu mwanya uyu muni uzazana amahirwe menshi mu gihe kizaza. Imana iri gukora ikintu gishya, kandi ni inshingano zawe kumvira ijwi Ryayo! Wizere ko Imana ifitiye umugambi ubuzima bwawe! Ushobora kuba warabaye “impanuka” ku babyeyi bawe, ariko nturi impanuka ku Mana. Ushobora kuba warahajwe ukanatabwa n’abantu, ariko ntiyigeze kandi ntizigera iguta. Yashyizeho ibyangombwa byuzuye kugira ngo ugere ku ntsinzi mbere yuko uvuka.

Iga gusiga ahahise mu HAHISE! Anga kwemera ko amakosa wakoze asobanura uwo uri we. Uri icyaremwe gishya muri Kristo; ibyakera byarahise, kandi byose byahindutse bishya. Imigozi yose yagendaga ikuzengurutse yo mu hahise hawe, yice nonaha! Uri uca iminyururu!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Imana yakoze ikintu gishya mu buzima bwanjye! Ahahise ntihakibaho; ejo hashije haragiye. Haleluya! Ndatara intsinzi idasanzwe n’imigisha itemba. 2025, izanye hazaza hanjye heza mu Izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 5:17

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Itangiriro 37:25-40:8

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Mutarama 14

## IMBARAGA MU BUMENYI

### Hoseya 4:6

**Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbera umutambyi. Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe.**

Bishobora kugutangaza kumva ko ku kigereranyo Umukristo umwe atarakoza intoki ku bugari bw'ibyo Kristo yaduhaye mu Ijambo ryayo. Impamvu yabyo iroroshye: benshi ntibarisoma na gato! Igisubizo cy'ijana ku ijana (100%) y'ibibazo uhura nabyo uyu muni biri mu Ijambo ry'Imana, ariko nutarisoma, uzakomeza guca mu bibazo nk'utizera wese. Imana itubwira ko abantu bayo barimbutse bazira kutagira ubwenge, si uko umwanzi afite imbaraga cyangwa ko abana be bakora ibyaha, ahubwo kubwo kutamenya iby'umwuka w'ukuri.

Ni umwaka wo Guca Iminyururu, ariko uko kuri gukenere Ijambo ry'Imana kugira ngo kugerweho. Uyu muni, fata icyemezo cyo gusoma ijambo ry'Imana buri muni, wemerere imbaraga zaryo zihindura guhindura ubuzima bwawe muri buri gice cyose.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkunda Ijambo ry'Imana! Intsinzi yanjye uyu mwaka ishingiyeye ku bumenyi bwanjye bwimbitse bw'Ijambo ry'Imana. Ndatara kujya byimbitse mu myumvire yanjye, mu bwenge, no mu ihishurirwa riva mu Ijambo ry'Imana mu buzima bwanjye. Nakiriye imbaraga zidasanzwe, ukwizera kutanyeganyega kandi mpamya iby'ineza ye n'imbaraga ze biri mu buzima bwanjye uhereye none! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:12

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 40:9-42:28

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Gatatu, Mutarama 15

## NTABWO WIRUKA INYUMA Y'INZOZI

### Abagalatiya 2:20

**Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoresha no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira.**

Yesu ntiyaje kugira inzozi zawe zibe impamo! Nubwo tumurama tukanamushima ko yatumye inzozi z'abantu ziba impamo buri muni, gusa ibyo ni urwego rwo hasi rw'imyumvire mu gusobanukirwa uko ibyanditswe bigaragaza akamaro ke mu buzima bwacu. Imana ntiberaho kukunezeza; ahubwo ni wowe ubereyeho kuyinezeza. Nk'Umwana w'Imana, ugomba kumenya Ubutegetsu bwayo hejuru yawe!

Ugere ku kigero aho ibyifuzo byawe byose bihuza n'umugambi mwiza w'Imana ku buzima bwawe. Pawulo yageze ku rwego rwo kuvuga ngo, "Si njye uriho ahubwo ni Kristo uri muri njye!" kubera gusobanukirwa ubuyobozi bwa Kristo ku buzima bwe, yabashaga kuvuga ashize amanga ko Kristu yakoraga kandi agashyira mu bikorwa ibyifuzo bye binyuze muri we. Ntabwo wiruka inyuma y'inzozi; uri kubaho ubuzima ngo unezeze Uwagukujije ingoyi y'umwanzi!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana ni Umwami wa buri gice cyose cy'ubuzima bwanjye! Ibyifuzo byanjye byose ni ibyifuzo bye. Ni umugisha kuba intumwa yayo hano ku isi, mfite imbaraga zo gusohozza ubushake bwayo. Umugambi wayo wera niwo umbeshaho, Umwuka wayo uranyobora, kandi urukundo rwayo rurankomeza. Mbaho ngo nyiheshe icyubahiro mu byo nkora byose!

### IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 3:3-4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiriro 42:29-45:15

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mutarama 16

## ISENGESHO RIFITE IMBARAGA

### Abafilipi 2:13

**kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.**

Ku mamiliyoni y'abakristo hirya no hino ku isi, isengesho ryabaye umuhango udafite agaciro uvugwa mbere yo kuryama no gufata amafunguro. Ibi ntibiri kure y'ibyo Imana yateganyije ko ari ryo! Muri Bibiliya, Imana ivuga ko isengesho rishobora gukorwa muri buri bihe byose by'umunsi. Waba uri mu nzira ujya ku kazi, uri gufata amafunguro ya kumanywa, cyangwa uri kureba televiziyo, nta mwanya mubi wo gusenga ubaho!

Umurongo w'uyu munsi hari "umurimo" udasanzwe uri kuba muri wowe ugutera kuba umwiza cyane ku Mana. Ntukirengagize izi mbaraga z'Imana zigukururira gusenga. Iyo uzirengagije, ujye umenya ko hari izindi mbaraga ziri kugusunikira kudasenga. Umwanzu azi neza ko hari imbaraga zihindura zubakwa mu kuganira n'Imana; nicyo gituma ntakizamuhagarika kukubuzza kubikora! Menya imbaraga ziri mu isengesho, maze ubone imigozi yose icika igapfa nk'imibu!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko Nsenga uyu mwanya, imigozi iri gucika umwe kuri umwe. Ubugingo burinjira mu Bwami, kandi abayobozi b'ibihugu bari gukizwa. Hari imbaraga mu isengesho, kandi ibyo natura byose biraba! Ubushake bw'Imana buri gusohora muri njye, kandi ibyo yishimira biri kuba muri buri gice cy'ubuzima bwanjye. Haleluya!

### IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 5:14-16

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Itangiro 45:16-48:7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mutarama 17

## **IBYO UMUGARAGU ATEGANYA KUBONA**

**Yesaya 54:16-17**

**Dore ni jye urema umucuzi uvugutira umuriro w'amakara agakuramo icyuma akoresha umurimo we, kandi umurimbuzi namuremeye kurimbura. Ariko nta ntwaro bacuriye kukurwanya izagira icyo igutwara, kandi ururimi rwose ruzaguhagurukira kukuburanya uzarutsinda. Ibyo ni byo murage w'abagaragu b'Uwiteka, kandi uko ni ko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi." Ni ko Uwiteka avuga.**

Mu Ijambo, Imana yerekana birambuye ibyo umugaragu wayo agomba kwitega muri ubu buzima! Ariko, abakristo benshi ntibizera kubona ibi byiza byose mu buzima bwabo bwa buri muni. Impamvu yabyo iroroshye; benshi ntibasomye Ijambo bihagije ngo bamenye umurage wabo muri Kristo! Ibintu byose Imana yaguhaye igihe wavutse ubwa kabiri byanditse birambuye mu Ijambo ryayo. Injira byimbitse mu Ijambo ry'Imana uyu muni kandi ujyendere mu kuri k'uwo yakugize.

Nk'umwana w'Imana, nta ntwaro yacuzwe yagira icyo igutwara, kandi ugushinja wese mu rubanza azafatwa nk'umunyabinyoma! Ibi ni byo umugaragu agomba kwitega. Ni wowe uca imigozi hano; anga kwiringira kubona ibintu bisanzwe maze utangire kubaho ubuzima budasanzwe muri uyu mwaka!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nta ntwaro yangirira nabi njye cyangwa umuryango wanjye! Abanshinja bose bazitwa abanyabinyoma. Nshinze mu Ijambo ry'Imana ritanyeganyega, kandi kubw'uburizi bwayo, sinkorwaho n'igitero na kimwe. Amasezerano y'Imana ni ingabo yanjye, ubudahemuka bwayo ni igihome kinkingira, kandi buri mugambi w'umwanzi ukuweho! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 10:28-30

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Itangiro 48:8-50:26; Kuva 1

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mutarama 18

## AKAMARO KO GUKOSORWA

**Abaheburayo 12:6**

**Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be.”**

Umuntu ufite abadayimoni kurusha abandi uzabona ni umuntu wanga amabwiriza! icyanditswe cyo haruguru kivuga ko Imana icyaha abo ikunda. Uri mu mwanya mubi cyane kandi udahamye niba umushumba wawe, intumwa, umuhanuzi, cyangwa undi wese wubaha mu kwizera atinya kugukosora. Gukosorwa bikwemerera kureba ibikomeme byo mu buzima mu mboni y’umuntu ushobora kuba azi byinshi ku Ijambo ryerekeye icyo kibazo.

Imana yashyizeho abayobozi mu myanya yabo kubw’impamvu imwe gusa yo kugufasha! Anga kwemera ko ubwibone bukubaza kubona amakosa yawe cyangwa ibice bikeneye guhinduka. Aho kurakara, iga kwakira gukosorwa maze ubone urugendo rwawe n’Imana ruzamuka ku rundi rwego!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nakiriye gukosorwa! Abashumba n’Abayobozi bashyizwe mu myanya yabo ku bw’inyungu zanjye. Sinzarakara igihe umuyobozi ampaye ubufasha aho atekereza ko ndi kugenda nabi. Nakiriye ubwenge no kuyoborwa, nzi neza ko bingezwa ku rwego rw’iterambere no gukura. Mu gukosorwa, mpabwa imbaraga, nkahinduka mushya kandi nkagendera mu murongo mwiza w’ubushake bw’Imana. Ndatwaga ko buri gukosorwa kose nakiriye kungeza ku ntera ndende y’ubwiza n’umubano wimbite n’Imana. Haleluya!

### IBINDI BYANDITSWE

Imigani 12:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Kuva 2:1-5:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mutarama 19

## NDIKOMEZA

**1 Samuel 30:6 (KJV)**

**And David was greatly distressed; for the people spake of stoning him, because the soul of all the people was grieved, every man for his sons and for his daughters: but David encouraged himself in the LORD his God.**

Muri Bibiliya, Umwami Dawidi yahuye n'ibitero byinsi, mu mwuka no mu mubiri. Muri icyo gihe cyose, ntiyigeze ashakira amagambo amutera imbaraga anamushyigikira ku muntu n'umwe ahubwo yayashakiye ku Mana gusa. Bigaragara muri Zaburi nyinshi ze ko ibibazo bimwe yahuye nabyo byari kumugeza we ndetse n'ubwami bwe ku kurimbuka. Ariko buri gihe, yakuraga imbaraga mu rukundo rwe no gukomera mu Mana.

Nk'umukristo gendera mu kuri k'uko ibyo ukeneye byose biri mu Mana. Nuhura n'intambara mu buzima bwawe, aho kuvuga ngo, "nta butabazi mfite," ba nka Dawidi maze uvuge uti, "sinzatinya ikibi, kuko Uri kumwe nanjye." Umwanzu nagerageza guhungabanya amahoro yawe, hagarara wemye uzi neza ko ufite imbaraga zo guca iminyururu muri DNA yawe. Wikomeze mu mana uyu munsi maze ukomeze imbere!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzi DNA yanjye. Ndi uwa Yehova Usumbabyose, kandi Umwuka We uri muri njye igihe cyose. Nkura imbaraga n'ubutwari ku Mwami, nzi ko buri kigeragezo mpura nacyo ari amahirwe yo kugira ngo imbaraga ze ziragaragare mu buzima bwanjye. Ndi umutsinzi, ndakomeye kandi simpagarikwa, kandi umunsi wanjye nturi kube ikindi kintu kitari umunsi w'ikirenga mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 13:1-6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Kuva 5:10-8:15

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mutarama 20

## ICYO UGOMBA GUKORA CYONYINE NI UGUSABA

**Yohana 14:13-14**

**Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora.**

Ubwiza bw'icyanditswe cy'uyu muni buboneka mu busobanuro bwimbitse bwacyo. Iyo kivuze ngo 'saba,' ntabwo kiba kivuze gusenga kugira ngo Imana ikore. Ahubwo bivuze gukenera, gusaba, kwakira no gutegeka ibyo wifuzaga ngo bibe! Mu gihe uri guhangana n'uburwayi, ntugatinye; ujye uvuga uti, "Mu Izina rya Yesu, ndategeka gukora kwanjye." Cyangwa igihe ubuze amafaranga, ntukarire nk'abatizera. Ahubwo, vuga ngo, "Mu Izina rya Yesu, nakiriye ubutunzi bwanjye!"

Nk'uko umwana yegera ababyeyi ashize amanga abasaba ngo bamugurire igikinisho gishya kiri mu idirishya ry'iduka adatinye ko bari bukimwime, egera Imana maze usabe ikintu cyose ukeneye. Iragukunda cyane kandi irashoboye kurusha umubyeyi witanga cyane kandi ubirambyemo. Imana ishaka kugufasha; icyo ugomba gukora gusa ni ukubisaba.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndategeka guhembuka muri buri gice cy'ubuzima bwanjye, kuko Imana yampaye ibintu byose ku bwinshi kugira ngo mbinezere wemo. Ndatura kandi ndategekako ngendera mu guhabwa n'Imana no mu magara mazima. Mu bubasha bw'Izina rya Yesu, ndategeka buri kintu cyose nkeneye mu buzima bwanjye kuboneka kandi buri cyifuzo cy'ubumana ko gusubizwa! Amen!

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 3:21-23

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuwa 8:16-11:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Mutarama 21

## GUMA MURI WE

**Yohana 15:4**

**Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe. Nk'uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha nimutaguma muri jye.**

Igitekerezo cyuko ugomba kuguma muri Kristo kugira ngo ibitangaza bibe mu buzima bwawe ubudasiba kirazwi ku isi hose kandi kiravugwa, ariko benshi ntibumva impamvu n'uburyo biba. Impamvu yabyo iroroshye: iyo uri umwana w'Imana, uba uremewe intsinzi. Bibiliya itubwira ko ku bayizera, byose bifatanyiriza hamwe kutuzanira ibyiza!

Ibi bivuze ko iyo utumvise neza ijwi ry'Imana mu buzima bwawe, wikura mu gikundiro kidashira Yashyize mu buzima bwawe igihe wavukaga ubwa kabiri. Waremewe kwera imbuto! Igihe wavaga mu bwami bw'umwijima, wakiriye ubuzima bworoshye! GUMA MURI WE!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni uraba umuni wo kwera imbuto. Kristo atuye muri njye; ni gute ntatungarirwa nkanera imbuto? Ndatara kandi ndategeka ko buri gice cy'ubuzima bwanjye kirimo gutanga umusaruro w'ubumana. Ibitekerezo byanjye, imirimo, n'amagambo yanjye biri ku murongo w'ubushake bw'Imana, ntanga umusaruro mwinshi. Kwera imbuto, ngwino NONAHA mu Izina rya Yesu! Amen.

## IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:28

## UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuva 12:1-14:20

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mutarama 22

## ONGERA UCANE URUMURI

**Zaburi 119:105**

**Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye.**

Iyi si ikikijwe n'umwijima mwinshi kandi ku mamiliyoni y'abantu bari ku isi, biroroshye cyane kwiyumvamo ibiyumviro by'uko ntacyo wimariye. Muri Bibiliya yose, Ijambo ry'Imana risobanurwa nk'urumuri, bivuze ko nk'umwana w'Imana, ntugomba na rimwe kwemera gucibwa intege n'ibiyumviro byo gushidikanya. Niwumva umeze nkaho wabuze icyerekezo mu buzima bwawe cyangwa urimo ugenda utazi aho ugana, icyo ni cyo gihe cyiza cyo kongera gucana urumuri.

Ibibazo byinshi uhura nabyo mu buzima ni ingaruka zo kudafata umwanya ngo wemerere urumuri rw'Ijambo ry'Imana kukuyobora. Emerera Ijambo ry'Imana rikubere GPS igufasha kunyura mu bigoye by'ubuzima. Wemerere imbaraga zihindura z'Ijambo Ryayo rikwereke ikarita y'ahazaza hawe uyu muni!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye bufite icyerekezo, sinayoba! Nakije buri rumuri rwose rwo mu buzima bwanjye nkoresha Ijambo ry'Imana. Ndatara ko intambwe zanjye ziyobowe n'ubwenge bw'ubumana, kandi inzira zanjye zimurikiwe n'ukuri kw'Imana. Buri kigeragezo gikemurwa n'ibisubizo by'ubumana, kandi buri gushidikanya gusimbuje kumenya rwose. Ngendera mu gushira amanga kutanyeganyega, nzi ko Ijambo ry'Imana rinyobora iteka. Nirukanye buri mwijima utera ubwoba ab'inzu yanjye, mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 18:28

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cya buri muni: Kuwa 14:21-17:16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Kane, Mutarama 23

## URWUNGE RWIZA

**Luka 22:32**

**ariko weho ndakwingingiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe.”**

Urwunge rw’amajwi ni ikoraniro by’ibikoresho bigizwe n’inanga, impanda, ishako ndetse n’ibindi bikoresho byinshi by’umuziki aho abanyamuziki barenga ijana bafatanyiriza hamwe. Nubwo buri gikoresho kigira ijwi ryacyo n’injyana, bihurira hamwe bigakora urwunge rwiza! Nk’urwunge, mu Bukristo uyu muni, kugendera hamwe nk’ishyaka ryunze ubumwe rirwanya Satana ni ingenzi cyane.

Nk’umwana w’Imana, umenye umugambi w’Imana uri ku buzima bwawe ndetse n’imigambi yayo ku Bakristo bagukikije. Umurongo wo haruguru utumenyesha ko iyo usengeye abandimwe bawe muri Kristo, haba harimo imbaraga zibakomeza! Muri ibi bihe bya nyuma, wibuke gutera imbaraga abandi mu kwizera kwabo. Ugendere mu mwuka w’ubumwe uhoraho no mu rukundo ukunda abagukikije uyu muni, ndetse n’iyo umuhamagaro wabo waba utandukanye n’uwawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Nsobanukiwe uruhare rwanjye muri uru rwunge rwiza! Ndasenze ngo Abakristo bari ku isi hose bagende neza mu mugambi w’Imana ifitiye Ubukristo bwose mu Izina rya Yesu! Ndatara ko twunze ubumwe, dukomeye, kandi dutsinda, ko dukorera hamwe ngo dusohoze umugambi w’Imana ku isi. Dushyize hamwe, tuzamura icyubahiro cyayo kandi tuzana urumuri rwayo mu nguni z’isi zirimo umwijima ukabije. Haleluya!

## IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 12:12-13

## UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cya buri muni: Kuva 18:1-21:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Mutarama 24

## KWAKIRA URUMURI RUGUKUZA

**Psalm 119:130 (NIV)**

**The unfolding of your words gives light; it imparts understanding to the simple.**

The fundamental component for a plant's growth is light! Imagine the marvel of photosynthesis: a plant draws in carbon dioxide from the air and water from the soil, then, with the help of sunlight, transforms these elements into sugar and oxygen. The sugar nourishes the plant, fuelling its growth, while the oxygen is released back into the air, providing the very breath we rely on.

Giving your life to Christ is laying the foundation and seeds for success, and just like a plant, your only chance at growth is receiving light! While reading the scriptures, the light of His Word is entering your spirit, causing necessary growth in your life. As a Christian, recognise the life-changing power of God's Word today and experience growth like never before.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Umwaka wo Guca Iminyururu ni umwaka wanjye wo gukura cyane mu mwuka. Ndashyamba inzego nkuru zo gusabana n'Imana mu Izina rya Yesu! Ndatageka kandi ndatura ko Ijambo Ryayo rimurikira inzira zanjye, Ndi gukura mu bwenge, mu mbaraga, no mu buntu. Umwuka wanjye uragaburirwa, kandi ubuzima bwanjye buhinduwe n'urumuri rwe. Haleluya!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 119:105

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuva 21:22-25:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Mutarama 25

## **GUSUBIKA UMUKORO BIKUBYARIRA KUGUMA MU MWANYA UMWE**

**Yakobo 4:17**

**Nuko uzi gukora neza ntabikore, bimubereye icyaha.**

Gusubika umukoro (uvuga ngo uzabikora ejo, n'eo bikaba ejo) bikubuzza umugisha! Ukorerwa Imana ikunda gukora, kandi nk'umwana wayo, ntabwo wakwiyemerera kugushwa n'ibitero by'umwanzi gusa kuko utigeze ukora umukoro wawe igihe Imana yakubwiye kuwukorerwa! Mu murongo w'uyu muni, ibyanditswe bikomeza bivuga ko iyo uzi gukora icyaha ntugikore, ni icyaha!

Buri mujenerali muri Bibiliya azwi mu ijuru kuko yahisemo gukora ibyoye Imana yamuhamagariye gukora. Tekereza ingaruka zari kubaho iyo Dawidi aza gutindiganya mbere yo kwica Goliyati? Cyangwa iyo Mose ataza kuva muri Egipta, agatuma Abisirayeli baguma mu buretwa igihe kirekire kurushaho. Kwanga gukora umukoro wawe byakugeza ku guhama hamwe atari wowe gusa ahubwo n'agace utuyemo! Imana yagushyize ahantu hakwiye ngo utsinde; ni inshingano zawo guhutamo gukora cyangwa kudakora. Ni igihe cyo gushyira mu bikorwa ubuhanuzi bw'uyu mwaka; ca iminyururu yose yo gutindiganya/gusubika umukoro wawe no kuguma mu mwanya umwe kandi bizaburira mu muyaga.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Uyu muni, ndashyira mu bikorwa ibintu byose Imana yambwiye gukora. Kubw'ubuntu bwayo, mpawe imbaraga zo gufata ibyemezo byo gukora. Rero, nca buri munyururu wo gutindiganya kose kandi njya imbere mu gushira amanga n'ukwizera. Sinzasubira inyuma mu gukora neza, kandi nirukanye kuguma mu mwanya umwe mu buzima bwanjye! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ezira 10:4

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuwa 25:10-27:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Mutarama 26

## NIKI GITUMYE UNTAKIRA?

**Kuva 14:15-16**

**Uwiteka abaza Mose ati “Ni iki gitumye untakira? Bwira Abisirayeli bakomeze bagende. Nawe umanike inkoni yawe, urambure ukuboko hejuru y’inyanja uyigabanye, Abisirayeli bace mu nyanja hagati nko ku butaka.**

Ikibazo gikomeye cy’amamiliyoni y’Abakristo ni uko bategereza Imana ngo ikore ikintu, kandi yarabasigiye ibyangombwa byose byo gukoresha Ijambo ryayo mu buzima bwabo! Iyo ibintu bigenze nabi, benshi batakira Imana bavuga bati, “Oh Mwami, ndi mu byago. Ndakwinginze ca iyi minyururu!” Nyamara, Imana yo iri kukureba yibaza impamvu utari gushyira ubuhanuzi bw’uyu mwaka yaguhaye mu bikorwa.

Mose yageze ku Nyanja Itukura maze abona amazi amuri imbere n’Abanyegiputa bari inyuma ye atangira gutakira Imana. Imana iramusubiza iti, “Kuki untakira? Tandukanya inyanja! Imana yari izi ko imbaraga yashyize muri Mose zihagije kugira ngo ageree ku ntsinzi. Ni Mose utari wakagendeye muri uku kuri. Ntutegereze ko Imana ikora: iragutegereje ngo ukoreshe Ijambo ryayo!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ninjiye mu butware bwanjye nshize amanga kandi ndatura uyu muni ari umuni wo ‘Gukomeza imbere.’ Nkoresheje imbaraga z’Imana ziri muri nje, ntsinda ibiruhije byose mpura nabyo kandi nkagendera mu butsinzi. Umukino uratangiye, kandi natuye gutsinda rwose! Haleluya.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Luka 10:19

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Kuva 28-29

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mutarama 27

## UDAHINDUKA UHINDURA AHAZAZA

**Yakobo 1:17**

**Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri Se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire n'igicucu cyo guhinduka.**

Inyungu ya mbere ufite nk'umwana w'Imana kurusha abo mu isi ni umutekano w'ubuntu bwayo buri kuri wowe n'urukundo igukunda! Turi kuba mu bihe aho umwanzi akora ataruhuka agerageza ngo abuze abantu kuva mu bwami bw'umwijima ngo binjire mu Bwami bw'umucyo. Ubu kurusha mbere, isi iri mu ihuzagurika, kuva ku bukungu budahamye kugeza kuri leta zisenyuka!

Ariko, ibyanditswe bitwereka ko Imana dukorera ari Imana idahinduka ariko ihindura ahazaza. Mu cyanditswe cyo haruguru, isobanurwa nk'Imana idahinduka nk'ibicucu! Nk'umwana w'Imana, menya ko Imana yagushyize mu mwanya uhamye, kandi guhuzagurika kw'iyi si, si kamere yawe!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana ni idahinduka ihindura ahazaza! Muri Kristo, ndashikamye, nkomeye mu gukiranuka. Nta mvururu isi ihura nazo zikomeye bihagije ngo zihungabanye nyewe n'umuryango wanjye. Ndategeka kandi ndatura ko nshinze mu masezerano adahinduka y'Imana, kandi njyendera mu gukomera kubumana n'amahoro. Haleluya!

### IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 54:14

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuva 30-32

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Mutarama 28

## **URENZE KUBA UTANYURWAMO N'AMASASU**

**Yesaya 43:2**

**Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe, nuca no mu migezi ntizagutembana. Nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata.**

Nk'umwana w'Imana nzima, urenze kuba utanyurwamo n'amasasu! Washyizwe ku ruhande hirya y'ibibazo by'iyi si maze ushyirwa mu mwanya aho nta kintu na kimwe mu buryo bwose kigomba kuguhungabanya. Iyo ugendeye muri uku kuri, ubwoba ntibushobora kumira cyangwa kunesha imbaraga Imana yashyize ku buzima bwawe. Ibi nibwo bwishingizi bwo kurindwa kwawe!

Ndetse no hagati mu bihe by'ubukungu bumeze nabi, ubukene ntibwagukoraho! Ndetse no mu gihe cy'icyorezo gikaze cyangwa indwara, urakingiye. Nta minyururu ikomeye yabasha guhangara ubushobozi bwawe bwo guca iminyururu. Ubu nibwo buzima Imana igushakira, ubuzima bubaho hejuru y'ibiri kuba. Imana iri kumwe nawe iteka, gendera muri uku kuri uyu muni; URENZE KUBA UTANYURWAMO N'AMASASU!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndenze kuba ntanyurwamo n'amasasu! Ubwishingizi bw'Imana ku burinzi bwanjye, amagara ndetse n'ubutunzi biri mu Ijambo ryayo ritunganye. Nta ntwaro yampungabanya kuko Imana nzima iri kumwe nanjye. Ndategeka kandi ndatura ko njyendera mu budahangarwa bw'ubumana, kandi igishaka kuntera ubwoba cyose giteshejwe agaciro. Ndakomeye mu byo nyuramo byose, kandi igikundiho cy'Imana kirankikije. Haleluya!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 23:4

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuva 33:1-35:29

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Mutarama 29

## NAMBARIYE IBYIZA

### Abagalatiya 3:26

**Mwese muri abana b’Imana mubiheshejwe no kwizera Kristo Yesu, kuko mwese ababwirijwe muri Kristo muba mwambaye Kristo.**

Mu isi aho y’imyenda yakozwe n’abanyamideli, imyenda ihenze, n’ingaruka zidasanzwe imideli igira ku muco wamaye muri iki gihe, nk’umwana w’Imana, ese ushobora kuvuga ko uri gukora ku ‘myambaro y’ukwizera’ kuruta uko wagira imyambaro ya hano kw’isi? Umurongo w’uyu muni uvuga ko wambaye imyambaro y’ukwizera – ubuzima bwa Kristo! Nk’umwizera, ugomba kubaho ubuzima bwejwe. Iyo wambaye gukiranuka by’ukuri, bigaragarira mu myambarire yawe cyangwa uko ugaragara ku bandi no mu buryo witwara, mu biganire byawe, amagambo uvuga no mu byo ukora iyo nta muntu uri kukureba. Iyo wambaye ubuzima bwa Kristo, ibyawe byose biba ibya Kristo.

Igihe wavutse ubwa kabiri, ubuzima bwawe bwa kera kwasimbuje ubuzima bwa Data buri muri wowe. Ukubaho kwawe kose kwafatanyijwe mu buzima bw’Imana. Iyo ugenda, bigomba kuba Kristo ugenda muri wowe. Iyo uvuze, bigomba kuba Kristo uri kuvuga. Kubera iki? Kuko wambaye Ubuzima bwe!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nambaye gukiranuka! Ubuzima bwanjye ni ubwa Kristo. Buri gice cy’ubuzima bwanjye cyahujwe n’ubuzima bw’Imana nzima. Ngenda kandi mvuga nka Kristo, ngaragaza urukundo Rwe, ubwenge ndetse n’imbaraga. Ndi ubuhamywa buriho bw’ubuntu Bwe! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 13:14

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cya buri muni: Kuva 35:30-37:2

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Mutarama 30

## IBITANGAZA BY'ISI BYOSE

**Zaburi 139:14**

**Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza.**

Imisozi miremire cyane igaragaza ubushobozi bw'Imana bwo kurema ibintu binini cyane. Umusozi Everest ufite uburebure burenze mikono ibihumbi makumyabiri n'icyenda. Ishyamba rya Amazon, rwuzuyemo urusobe ry'ibinyabuzima n'ibidukikije, ricumbikiye ibihumbi by'inyamaswa, rikerekana ubushobozi bwayo bwo gutuma ikintu kibaho neza gituwemo na byinshi. Ubwonko bw'umuntu bwonyine burimo miliyari mirongo inani n'esheshatu z'utaremangingo dufatanywa n'amasangano agera kuri tiliyoni. Ibi bimurika imbaraga z'Imana – imbaraga zidasanzwe ku buryo n'abahanga bakomeye muri siyansi badashobora kubyigana!

Ubuzima bwawe ni ikimenyetso ko hariho Umuremyi w'umuhanga. Imana yashyize agaciro karemano ku buzima bwawe; Bibiliya ikwita waremwe mu buryo buteye ubwoba kandi butangaza! Nk'umwana wayo, ntukemerere ibintu ko bikugabanyiriza agaciro kawe ngo bihindure uwo yaguhamagariye kuba we! Ibitangaza by'isi byose ntibifite agaciro kageze ku gaciro Imana yashyize kuri wowe. Iga kugendera muri uku kuri kw'uwo uri we muri Kristo uyu muni, kandi uzabona Uca iminyururu uri muri wowe akomera!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Mu byo Imana yaremye bitangaje, Ni nge Ubiruta byose. Nzi agaciro yashyize ku buzima bwanjye; niyo mpamvu, intsinzi uyu muni yizewe. Gutsindwa ntigufite umwanya mu buzima bwanjye. Ngendera mu gikundi cy'Imana n'imigisha idakama. Ndi icyaremwe cyiza cy'Imana, kandi ngaragaza ubwiza bwayo muri byose nkora. Gutsindwa? Hehe? Gute? Haleluya!

## IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 32:17

## UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuva 38:1-40:16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Gatanu, Mutarama 31

## NTWIKIRIWE N'UBUNTU

### 2 Timoteyo 1:9

yadukijije, ikaduhamagara guhamagara kwera itabitewe n'imirimo yacu, ahubwo ibitewe n'uko yabigambiriye ubwayo, no ku bw'ubuntu bwayo twaherewe muri Kristo Yesu uhereye kera kose.

Ubuntu bw'Imana buragutoranya! Buzana icyubahiro, agaciro, n'umudendezo mu buzima bwawe. Iyo uri umugenerwabikorwa w'ubuntu bw'Imana, uba ubohowe iminyururu y'icyaha no kwicira urubanza! Igihe wahitagamo kuva mu bwami bw'umwijima maze ukinjira mu buruhukiro bw'iteka muri Kristo Yesu, watwikiriwe n'ubuntu! Iyo uzi ko Ubuntu bw'Imana buguhagije, ntushobora kurakazwa n'ibigeragezo by'ubuzima.

Ubuntu ni ikoranabuhanga ryo mu mwuka ryashyiriweho kwemeza ko hari intsinzi yizewe yawe ndetse n'iy'abagukikije. Ubu buntu kandi buzaguhagurukamo butume iminyururu y'uburwayi, iminyururu y'ubukene, iminyururu y'ibibi, iminyururu y'agahinda gakabije, gatanya, n'ibindi, ICIKA mu Izina rya Yesu! Ibuka, uyu mwaka warakuremewe by'umwihariko, Uca iminyururu; tangira utsinde.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nambaye intwari y'ubuntu bw'Imana, nsohotse mu rugo rwanjye uyu muni nkomeye kandi ndenze uko nari nsanzwe. Ubuntu bw'Imana bunsunikira ku rwego rushya ndetse bunfungurira imiryango y'amahirwe mashya. Ndi igikoresho cy'imbaraga z'Imana, nca muri buri gihome kandi ngera ku bidasanze. Nzakora ibidasanze mu Bwami muri uyu mwaka mushya mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:16

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kuva 40:17-38; Abalewi 1-4

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa gatandatu,Gashyantare 1

## UKO UBIBONA NIKO BIRI

**Imigani 23:7**

**Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari. Yenda arakubwira ati “Ngwino ngufungurire”, Ariko umutima we ntabwo uba uhuje nawe.**

Ushobora kuba umenyereye imvugo igira iti “Uko ubibona cyangwa uko wiyumva ni ukuri.”uko ubona ibintu mu buzima,bigena imitekerereze yawe kuri byo,imitekerereze yawe nayo ikagena ubutumburuke bwawe! Isi ishobora kuba iri mu ihungabana,abantu bose bakinubira ibihe bibi bigoye bari kunyuramo.Wahitamo kurira hamwe nabo, cyangwa se ukaba muri bamwe bake babasha kubona amahirwe muri ibyo bihe bakayabyaza umusaruro.Mu gihe “cy’icyorezo” cya Covid-19 abantu bamwe bahuye n’ibihombo bikomeye cyane ariko imitungo yabo iriyongera.Ni gute wabitahuye?

Umurongo twasomye haruguru uravuga ngo,Kuko uko atekereza mu mutima ari ko ari! Ubuzima bwawe ni ishusho igaragaza uko utekereza. Niba udakunze ibyo ubona,uyu muni ni wo muni ngo utangire utekereze uko ushaka ko biba.Uri umwubatsi w’ubuzima bwawe. Tangira wumve ko uri umunyamugisha ,uzagenda wisanga uri kuyingenderamo. Uzatangira kubona amahirwe aho abandi batayabona.Ubwo bazavuga ngo hari ukujya hasi,uzazamuka utumbagire mu izina rya Yesu!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi umutsinzi.Nzamuka kure y’ibindushya nkuko ikizu kiguruka hejuru y’umuyaga ukomeye! Nungukira mu mahirwe mbona mu Izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 19:26

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abalewi 5-7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Gashyantare 2

## UMUDENDEZO WO KURAMYA

**Yohana 4:23**

**Ariko igihe kiraje ndetse kirasohoye, ubwo abasenga by'ukuri basengera Data mu Mwuka no mu kuri, kuko Data ashaka ko bene abo ari bo bamusenga.**

Kenshi na kenshi dusaba Imana ngo iduhe iki na kiriya, kandi dusanga icyo Imana ishaka mu cyanditswe. Ni we Umenya byose, Imana ishobora byose, itangiriro n'iherezo, nyamara yasize icyuho muri we cyakuzuzwa gusa no kuramya kwawe. Iyo ubaho utamuramya uba umwambuye ibyo akwiye nyamara utegereje ko yuzuzwa ibyifuzo byawe.

Igihe Umwami wacu Yesu Kristo yadupfiraga ku musaraba, igitambaro cyadutandukanyaga n'ahera cyane, cyatabutsemo kabiri, biduha kugera kuri Data mu buryo butaziguye! Yatumye biba ibishoboka ko twinjira aho ari tukanezeza umutima we.

Shyira ku ruhanda imihangayiko, urusaku n'ibikorwaby'iyisi ubundi uramye umwami w'abami. Fata umwanya mwiza hamwe na We, utamusaba ibindi bintu, uri kumuramya gusa. Utitaye ku ho uri hose, umwuka wawe uhore ubohokeye kumuramya. Koresha ayo mahirwe ahebuje Imana yaguhaye ubundi umuhe icyubahiro gikwiye uyu munsi.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko mpanze amaso intebe y'ubwami, Nzahimbaza umwami ibihe byose ku bw'iby yakoze byose. Uko mubona mu buzima bwanjye biriyongereye, kandi ni mugari ku cyangora icyo ari cyo cyose mu izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:16

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 8:1-11:8

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa mbere, Gashyantare 3

## INJIRA MU BURUHUKIRO BWE

**Abaheburayo 4:11**

**Nuko tugire umwete wo kwinjira muri ubwo buruhukiro, kugira ngo hatagira umuntu ugwa akurikije icyitegererezo cya ba bandi cyo kutumvira.**

Igihe usoma ibyanditswe, ntukihute cyane. Jya ufata umwanya ubireke bibanze byinjire muri wowe. icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko akazi konyine dufite gukora ari ukwinjira muri Kristo. Iyo wamugezemo uhabwa impano y'ubuntu, iguha imbaraga zo gukora buri kimwe mu kwizera kwawe. Ntabwo uzakenera kuruha kuko bitakiri imbaraga zawe ahubwo hari ubuntu bugukoreramo. Ubu nibwo butumwa bwiza tubwiriza! Pawulo yavuze ko yakoraga kurusha izindi ntumwa zose, nyamara si we ahubwo bwari ubuntu bumukoreramo (1 Abakorinto 15:10)

Umwami Yesu yaravuze ngo nzanira imitwaro yawe, nanjye nzaguhaha uburuhukiro (Matayo 11:28). Rekeraho kuruha. Rekeraho kugerageza gukora ibintu mu mbaraga zawe. icyanditswe kituburira ko nitutinjira mu buruhukiro bwe, tuzarangiza nka babandi barimbukiye mu butayu kuko ryabananiye kwizera ko Imana yabakomeza. Anga gukurikiza urugero rwabo. Shyira imitwaro yawe kuri we; mwizere ubundi umureke akwitaho. Akuri inyuma, rero turiza muri we.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndekeye aho kugerageza kubikora nnyenyine. Nshyize imitwaro yanjye imbere y'umwami wanjye Yesu, Ninjije mu buturo bwe; buri kimwe nkora gihabwa imbaraga n'umwuka wera! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 3:5

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abalewi 11:9-13:39

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Kabiri,Gashyantare 4

## SISITEMU Y'IMIKORERE IGEZWEHO

**Abaroma 12:2**

**Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.**

Wari wakurura porogaramu igezweho kandi irenze mu muji wose?Itumanaho rinyaruka nk'umurabyo kandi rikagera ku ma seriveri mu buryo butaziguye.bishobora kunyura ku murongo ufunguye gusa bikora neza ndetse bigatanga umusaruro iyo binyuze mu murongo w'ibanga(Indimi).

2 Abakorinto 5:17 haravuga ngo,Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.Ni nkuko wasiba ibintu muri mudasobwa yawe ngo igire isuku. None icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko hari uguhindurwa kugomba kubaho,guhindurwa nk'uko agasimba gato kavamo ikinyugunyugu kiza cyane.Ibi biba mu kuvugururwa kw'imatekerereze yawe. Igihe uvutse ubwa kabiri,umwuka wawe,ari cyo cyaremwe gishya,niyo purogaramu igezweho uba ukuuye.Nkuko kuri mudasobwa ya purogaramu yakuruwe iba ikeneye gushyirwamo kugira ngo ikore. Iyi nzira yo gushyirwa muri mudasobwa cg kuba mushya mu mwuka ni ukuvugururwa kw'imatekerereze yawe,ari nabyo bizana guhindurwa binyuze mu mitekerereze yawe.Uko uguma wiga igitabo cy'imikorere,ari cyo bibiliya,ni ko uburyo bwo guhindurwa kwawe kwihuse.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo riri guhindura kandi rikanankangurira mu bifatika n'ubushobozi muri Yesu Kristo.Sinshobora kujya hasi mu izina rya Yesu !Amen

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 3:18

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abalewi 13:40-14:57

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatatu, Gashyantare 5

## TUZA

**Mariko 4:39**

**Akangutse acyaha umuyaga, abwira inyanja ati “Ceceka utuze.”  
Umuyaga uratuza, inyanja iratungana rwose.**

Imiraba itandukanye ibaho mu buzima, none ndetse ikanasubira. Ishobora kuba ari uko raporo ya dogiteri yavuze ko ufite ikibyimba cya kanseri, cyangwa kwirukanwa mu kazi. Biroroshye kuba wakwigirira impuhwe, ukaniheba cyane ndetse ukarenganya Imana yuko “yagutereranye”.

Umwami Yesu Kristo yaduhaye urugero ruboneye, rw’uburyo twakwitwara mu bihe nk’ibyo. Bibiliya iravuga ngo imiraba yakubise ku ubwato kugeza igihe bwuzuriye, nyamara umwami yari asinziriye rwose kugeza igihe bamukanguriye! Yarabyutse, atuje rwose nta kibazo afite, abumbura akanwa ke ubundi ategeka ibyo yashakaga kubona! Mu cyimbo cyo kuba ikigwari ngo urire, ugomba guhaguruka ugahangana na buri kimwe cyose kigerageza kwishyira hejuru y’ubumenyi bw’Imana. VUGIRA mu mwanya wawe w’ubutware muri Kristo ubundi utegeke amahoro n’umurongo ko byongeye gushyirwaho mu buzima bwawe. KUMENYA uwo uri we muri Kristo, bizatuma uhora ufite amahoro muri wowe, utitaye ku miraba igukikije, bituma bikorohera gutegeka amahoro ku muraba uwo ari wo wose mu buzima bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko mbyuka uyu muni, ndacyaha umuyaga uwo ari wo wose umpuha undwanya. Ndategeka amahoro muri buri kimwe. Ubuzima bwanjye bwuzuye amahoro mu izina rya Yesu! Amen

### IBINDI BYANDITWE

Abafilipi 4:6-7

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abalewi 15: 1-18:18

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Kane, Gashyantare 6

## **UKO AMAJWI AKORA MU BURYO BW'UMWUKA (spiritual cymatics)**

**1 Abakorinto 14:10**

**Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.**

Ntajwi narimwe ridafite ubusobanuro. Ijambo ryose uvuze rigira ingaruka, yaba inziza cyangwa se imbi, waba ubigambiriye cyangwa se utabigambiriye; amagambo yawe ashira ibintu mu buryo mu isi y'umwuka ubundi akagaragara mu buzima bwawe. Aho uri ubungubu ni ingaruka y'amagambo wavuze.

Iyo turi kuvuga kuri CYMATICS, ni isomo ry'uburyo amajwi agaragara mu bifatika ndetse nuko agenda. Reba ziriya mpandeshatu zibumbatanye zibamo ubuki; gifite za mpandesheshatu ziteye neza cyane zibumbatiye hamwe kubw'ubuziranenge. Inzuzi nta bikoresho zigira, nyamara zifite uko zibigenza, Iri somo rya simatike ryagaragaje ko viburasiyo (Vibration) z'amajwi, zitanga imiterere yihariye. Uko amavubi aguruka, yose asohora ya majwi yo kudukira, yumvikanira ku ntera imwe, arinabyo bibyara. None niba inzuzi zakubaka ingo zazo zikoresheje amajwi zisohora, nkaswe wowe, uwavutse bwa kabiri, wuzuye umwuka wera, uvuga mu ndimi, uvuga bibiliya kandi w'umukristu? Uri umwubatsi w'ubuzima bwawe, rero niba udakunze uko busa, tangira usohore amajwi arema ubuzima butunganyije ushaka kubona!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi umwubatsi w'ubuzima bwanjye. Iyo mvuze ndarema. Mvuga ubuzima bw'ubumana mu mubiri wanjye; mvuga ubutunzi; mvuga amahoro n'umunezero mu izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 18:21

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abalewi 18:19-21:24

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatanu, Gashyantare 7

## HAGATI Y'URUTARE N'AHANTU HAKOMEYE

**Ibyakozwe n'intumwa 16:25-26**

**Ariko mu gicuku Pawulo na Sila barasenga baririmbira Imana, izindi mbohe zirabumva. Uwo mwanya habaho igishyitsi cyinshi, imfatiro z'inzu ziranyeganyega, inzugi zose zisherako zirakinguka, iminyururu ya bose iradohoka.**

Iyo wisanze wafatiwe hagati y'urutare n'ahantu hakomeye kandi ubona nta nzira yo kubisohokamo, igihe wagerageje buri kimwe cyose ukabona ntakintu kivamo, cyangwa abaganga bakavuga ko nta kindi kintu bakora, n'abishyuzza imyenda (amadeni) bari gukomanga ku rugu iwawe, bisa nkaho ibyiringiro byose byatakaye.

Reba uko Pawulo na Sila babyitwayemo bamaze kwamburwa ubusa, bakubiswe bikabije, bakajugunywa mu nzu y'imbohe, babohesheje iminyururu ku maguru. Bashinjwaga gukora umurimo w'Imana! Mu cyimbo cyo kwitotomba, barasenze banahimbaza Imana! Iyo wisanze ahantu hakuboshye, icyo ukeneye gukora ni uguseka gusa, ukuzura umunezero mu gihe cy'amakuba, ukanahimbaza Imana ishoborabyose! N'inkuta z'i Yeriko zagushijwe no guhimbaza. Rero uzura umunezero, ishime, irukana umwanzi ubundi unezerwe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Sinshobora gutsindwa, kandi sinshobora kujya hasi. Nseka mu bihe by'amakuba kuko Imana iri kumwe nanjye, Ndazamuka mu izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yosuwa 6:20-21

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abalewi 22-23

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Ku wa Gatandatu, Gashyantare 8

## NTA KUNYEGANYEZA

### 1 Petero 5:8

**Mwirinde ibisindisha mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconshomera.**

Umwanzi agufatirana mu gihombo cyo kutagira amakuru yuwo uri we muri kristo!

Nkiri umwana, nibuka dukina imikino aho twihishanaga tukageregeza gukanga mugenzi wacu. Ibyo nibyo sekibi akora. Yitwara nk'intare kugira ngo arebe ko wakwikanga. Ashobora kuza mu ishusho ya raporo ya muganga ivuga ko umwana utwite nta mahirwe yo kubaho afite cyangwa se viza yawe bayanze. Aba ari kugerageza kureba uko witwara. Niba utazi icyo ijamba ry'Imana rivuga kuri icyo kibazo, azagira umunsi wo guhangana nawe imbonankubone.

Niyo mpamvu icyanditswe kivuga ngo mwirinde ibisindisha kandi mube maso. Ugomba guhora utegura intwari yawe ibihe byose ku buryo nta mahirwe umuha. Ibyo ubikora wigaburira ijamba ry'Imana. Uyu munsi, usome ijamba kandi ntukirengagize ibihe byawe byo gusenga kugira ngo umwami nagutera ingumi ye nziza, uzabe uri guseka ujya kuri banki kubitsa sheke yawe Imana data yakwandikiye!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndashikamye muri kristo, urutare rukomeye. Ntabwo nyeganyezwa cyangwa ngo mpungabanywe mu makuba mu izina rya Yesu! Amen.


### IBINDI BYANDITSWE

2 Timoteyo 1:7

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abalewi 24: 1-26:13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Gashyantare 9

## BYUTSA ICYO GIHANGANGE MURI WOVE

### Abaroma 8:19

**Kuko ndetse n'ibyaremwe byose bitegerezanya amatsiko guhishurwa kw'abana b'Imana.**

Ndashaka ko ureba mu Kubara 13:23 havuga ngo, “Bagera mu gikombe cya Eshikoli, batemayo ishami ririho iseri rimwe ry'inzabibu, abantu babiri bariheka ku giti, kandi bazana ku makomamanga no ku mbutu z'imitini.” Ntabwo ari igitangaza uburyo abana b'ibihangange ba Anaka, babashije gukora ikimashini gitangaje ku buryo bagira amazi ahagije yo gukuza inkeri nini cyane ,ku buryo gutwara iseri rimwe ry'inkeri ryasabaga abagabo babiri n'ababaherekeje yo kubizana?Aka gace karumagaye cyane cyane pe!

None, icyanditswe cy'uyu muni kitubwira uko ibyaremwe byose bitegereje ko ukangukira kumenya imbaraga zitangaza ufite, Uvumbura uburyo ukoramo ndetse n'uburyo wahindura ibigukikije kukubyarira umusaruro utitaye ku bihe biriho bigoye. Reba, ibyaremwe byose byategetswe kumvira ijwi ryawe. Bitegereje amabwiriza yawe, Nuko rero kangukira kumenya icyo gihangange kikubamo nurangiza uvugishe ibintu kugira ngo bitange umusaruro w'ibyo ushaka. N'abamarayika bategereje amabwiriza yawe kubera ko mu Abaheburayo 1:14 hatubwira ko ari abamarayika ari aboherejwe gukora umurimo wo kugufasha.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Igihanange kiri muri ngewe kirabyutse; isi iri kunyungukira. Mfite ibisubizo byiza kandi bidasanze, ku mpamvu izo ari zose, mu izina rya Yesu!

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 5:17

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

cyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abalewi 26:14-27: 34; Kubara 1:45

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Mbere, Gashyantare 10

## UBUZIMA BURIMO IGIKABYO

**Yohana 10:10**

**Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.**

Reba iki cyanditswe; Umwami Yesu ntiyashoboraga gushushanya indi shusho igaragara neza kurusha iyi. Umwami arashaka kwangiza ibintu byawe byose, akanakwica, gusa umwami ababajwe mu cyimbo cyacu kugira ngo ntiduhabwe ubuzima gusa ahubwo tubuhabwe ku mwuzuro. Arashaka ko tubaho ubuzima bwisanzuye mu butunzi!

Ugomba gusobanukirwa yuko Umwami ashaka ko ugirira ibihe byiza cyane muri ubu buzima. Ikiza cyabyo rero ni uko byose yamaze kubyishyurira igiciro. Bibiliya iravuga ngo, Ariko nk'uko byanditswe ngo, "Ibyo amaso atigeze abona, N'ibyo amatwi atarumva, Ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, Ibyo byose Imana yabiteguriye abayikunda." (1 abakorinto 2:9) Tangira ushake ubutunzi bwawe, uko ukomeza kujya mu ijamba! Mushake muzabona. Ni nk'umuhigo w'ubutunzi, ijamba ryo ni ikarita ikurangira aho ubwo butunzi buri. Soma ijamba none ndetse na buri muni, ubundi utangire umenye ko Imana yaguhaye imigisha yose izana ubugingo no kubaha Imana, nuko rero ntukwiye kugira ikintu kiza na kimwe ubura mu buzima bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umutsinzi, Byose bigiye mu mwanya mwiza ku bwange! Kandi nibyo koko mfite umurage mwiza mu izina rya Yesu! Amen

### IBINDI BYANDITSWE

Imigani 10:22

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 1:42-3:32

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Kabiri ,Gashyantare 11

## **UBUBABARE NTABWO BUTUMA UKOMERA**

### **Matayo 7:24-27**

.....nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare, imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinze ku rutare. “Kandi umuntu wese wumva ayo magambo yanjye ntayakomeze, azaba ari nk'umupfapfa wubatse inzu ye ku musenyi, imvura iragwa, imivu iratembera, umuyaga urahuha, byose byikubita kuri iyo nzu iragwa, kandi kugwa kwayo kwabaye kunini.

Abantu bakunda kuvuga ngo ububabare butuma ukomera.Oya ntabwo bubikora.Twasomye ko umuraba waje ugakubita ku nzu iri ku rutare n'inzu iri ku musenyi.Niba intego yari ukugira ngo uzikomeze,ubwo ziriya nzu zombi zari gusigara zihagaze zemye nyuma y'umuraba.Ahubwo,ya yindi yubatswe ku mucanga yo yaraguye.

Imiraba mu buzima ntabwo iza kugira ngo igukomeze; iza kugira ngo igerageze uko urufatiro rwawe muri kristo uko rumeze!Ese kwatura kwawe kuzahinduka niwirukanwa ku kazi ,uri no kuvanwa mu nzu cyangwa se uwo ukunda yapfuye?Ese uzaba ukiri guhimbaza,cyangwa uzaba ufite ubwoba wanasenyutse? Igenzure ubundi ushikame mu ijamba ry'Imana.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Meze nk'inzu yubatswe ku rutare,Kristo ni urutare rwanjye rukomeye mpagararaho nemye.Ntabwo nzigera nyeganyezwa mu izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abagalatiya 4:1

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 3:33-5:22

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatatu ,Gashyantare 12

## UMUTURAGE UKURIKIZA UBUNTU

### Abagalatiya 2:16

Nyamara tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa n'imirimo itegegetswe n'amategeko, ahubwo atsindishirizwa no kwizera Yesu Kristo. Dore ndetse natwe twizeye Kristo Yesu kugira ngo dutsindishirizwe no kumwizera, bitavuye ku mirimo itegegetswe n'amategeko kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegegetswe n'amategeko.

Nk'umuturage w'igihugu ubamo,witezweho kugira imyitwarire ihuye n'amabwiriza yaho.Hari amategeko n'amabwiriza azakurikizwa wirengere n'ingaruka mu bihe runaka,nkuko byemejwe n'inzego z'ubuyobozi ,iyo utubahirije rimwe muri ryo.Ariko wowe uri ku musozi wa siyoni,kandi ugengwa n'amategeko yandi atandukanye!

Igihe wavukiraga mu ijuru,warahinduwe uva mu bwami bw'umwijima winjira mu bwami bw'umucyo.Aha ntabwo wemezwa n'amategeko. Ntushobora! N'ikimenyimenyi amategeko yaje kugira ngo akwemeze yuko utabishobora.Wapfuye ku mategeko, kandi ubuzima ubaho none,ububaho kubwo kwizera kwa Yesu kristo!Ubu uri muni y'ubuntu,si amategeko!Ubu nibwo butumwa bwiza tubwiriza!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera kw'Imana mu izina rya Yesu !

### IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 3:10-14

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 5:23-7 :59

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Kane, Gashyantare 13

## IGIHANGANGE MU MWUKA

### 1 Abakorinto 2:16

**Mbese ni nde wigeze kumenya icyo Uwiteka atekereza ngo amwigishe? Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo.**

Iki cyanditswe kiratangaje cyane iyo ugerageje gusobanukirwa neza ibiri kuvugwa hano. Gitangirana ikibazo, "Ni inde wigeze kumenya icyo uwiteka atekereza? Ni gute umuntu yamenya ibyo Kristo atekereza, Uwaremye byose bigaragara n'ibitaragara?"

Gusa ntugarukire ku kabazo gusa, kuko hakomeza havuga ngo dufite ibitekerezo bya Kristo. Niba ibi bidatuma usimbuka cyangwa ngo usakuze Halleluya, ubwo sinzi ikizatuma ubikora. UFITE ibitekerezo bya Kristo. Wamaze kubigira! Ntabwo uri kwiga ibitekerezo bya Kristo kugira ngo ubisobanukirwe, oya. Ubu uri kubyiga ngo umenye ubushobozi ufite maze ubukoreshe. Ibaze ibitekerezo byaremye Ijuru n'isi bivuye mu busa, Uwagendeye ku mazi, agafungura amaso ahumye, akirukana abadayimoni, akazura abapfuye, n'ibindi n'ibindi, n'ibindi—Ibyo bitekerezo biri muri wowe. Kangukira ukuri ubundi uzahinduka imbaraga zidahagarikwa, igihangange mu mwuka!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ibitekerezo bya Kristo. Menye ukuri. Ndi imbaraga zidahagarikwa Ndamenagura ikibazo cya inzitizi iyo ariyo yose yashaka kunyitambika mu nzira mu izina rya Yesu !

### IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:8-11

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 7:60-10:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatanu, Gashyantare 14

## UMUTIMA UNEZEREREWE

**Imigani 17:22**

**Umutima unezerewe ni umuti mwiza, Ariko umutima ubabaye umutera konda.**

Wari uziko ugendana ikigo nderabuzima kigezweho mu mubiri wawe? Ikintu icyo ari cyo cyose wakenera, uragifite muri wowe— Yewe n'umuti w'indwara iyo ariyo yose watekereza. Rero ikibazo ni, Urarwaye? Bibiliya hano iratubwira ko guseka ari wo muti wa mbere. Gusa uku ntabwo ari guseka uko ariko kose; ni umunezero w'uwiteka. Uyu munezero ntabwo ugendera ku biri kukubaho bigukikij, ahubwo uva mu ruti rw'umwuka wawe.

Bibiliya irongera ikavuga ngo, "Umunezero w'uwiteka nizo mbaraga zanjye" (Nehemiya 8:10). Imbaraga zawe uzikura mu munezero w'uwiteka. Irongera ikavuga ngo, "Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose. Yewe, nongeye kubivuga nti "Mwishime!" (Abafilipi 4:4). Inshuro nyinshi Bibiliya itubwira kutagira ubwoba ahubwo tukishima kuko ari ingenzi cyane ku mibereho myiza yacu. Ni nk'umuti neza neza.

Sekibi arabizi ko icyo agomba gukora gusa ari ukwiba umunezero wawe, ubundi agatwara imbaraga zawe. Hagarara wemye, mu masezerano y'Imana, wishime birenze, ubundi uzahora ufite amahoro arenze ubwenge bwose kandi uri kugarura umubiri wawe!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Umunezero w'uwiteka nizo mbaraga zanjye. Nta kintu na kimwe mu isi kizatwara umunezero wanjye. Umubiri wanjye usubijwemo imbaraga uko nishimira mu mwami. Halleluya!

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Abatesalonike 5:16

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Kubara 10:11-13:16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatandatu, Gashyantare 15

## IGANIRIZE IBITERA IMBARAGA

### Filemoni 1:6

**Kugira ngo gusangira ko kwizera kwawe kubabere ukugira akamaro, ku bwo kumenya icyiza cyose kiri muri twe duheshwa no kuba muri Kristo.**

Ni byiza kugira ibihe byo kwiganiriza. Ni wowe mutoza wawe, ukaba n'umukinnyi kandi ukaba n'umuyobozi w'ibyishimo byawe ku giti cyawe. Ibwire ko uri umutsinzi, uri umukire, ufite ubuzima bw'ubumana, Ni wowe bavuze!

Icyanditswe kuri haruguru gifite imbaraga kandi kigomba kwitonderwa. Kitubwira ko itumanaho ryo kwizera kwawe rigira umumaro iyo umenye kandi ukagira ubumenyi kuri buri kimwe cyiza ufite muri Kristo Yesu. Gumana nanjye umunota umwe. Ririya jambo 'Itumanaho' ni ijambo Koyinoniya, risobanura ubusabane, ubwitabire, n'ubucuti. Ijambo 'akamaro' ni enyereza, risobanura gushyirwamo imbaraga. Bwanyuma, ijambo 'Kumenya' ni epignosis, ari bwo ubumenyi bwuzuye kandi bushyitse. Mu yandi magambo, kwizera kwawe gutangira gukora iyo umenye neza bisanzwe bituye kuri wowe igihe wavukaga bwa kabiri.

Rero, tangira wibwire icyo ijambo ry'Imana rivuga kuri wowe ku bijyanye n'ikintu runaka. Reba mu ndorerwamo ubundi wibwire ko ufite ibitekerezo bya Kristo, ibitekerezo by'utegura ingamba zitangaje cyane; Ntabwo ushobora kunanirwa icyo washyizeho intekerezo zawe!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Menya buri kimwe kiza cyose kuri muri nje muri Yesu Kristo, kandi ntoza ukwizera kwanjye nshize amanga. Mvuga nemye; ngenda nemye kuko Nemye mu Izina rya Yesu!

### IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 4:8-9

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 13:17-15:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Ku Cyumweru, Gashyantare 16

## IGIHE CYO GUKUSANYA IBYAWE

**Imigani 13:22**

**Umuntu mwiza asiga umwandu uzagera ku buzukuru be, Kandi ubutunzi bw'abanyabyaha bubikiwe abakiranutsi.**

Iki gice cyo mu cyanditswe gishushanya ishusho nziza, gusa icyarimwe, gisa nkaho gikanga benshi biri kugora no kubona icyababeshaho n'abandi batanabishoboye. Ninde udashaka kuzuza ibisabwa ngo abe umugabo mwiza (cyangwa Umugore) kandi akamenya neza ko abana be n'abuzukuru be batazagera bavunika?

Bibiliya ntabwo ijya itangira icyo itarangiza. Kiriya gice kandi kitubwira ko ubutunzi bw'umunyabyaha bubikiwe umukiranutsi! Waremejwe ubwo wakiraga Kristo, rero ubutunzi bw'umunyabyaha warabubikiwe ngo ubukusanye. Jya hanze ufite gushira amanga kudasanzwe maze ufate ibyawe ufiteye uburenganzira nk'Umwana w'Imana.

Uhereye ku gihe cya Yohana Umubatiza ukageza none, ubwami bwo mu ijuru buratwaranirwa, intwarane zibugishamo imbaraga (Matayo 11:12). Rero ntukicare gusa utegereje ko ubutunzi bukwizanira ngo bukugwe ku bibero. Ba ugenda akagera kucyo yagambiriyeyi, jya hariya hanze utangire utege imitego yo gukusanya ubutunzi wabikiwe. Kora ubucuruzi cyangwa ikindi kintu kugira ngo ukusanye ubukire bwawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Nk'umwana w'Imana, nitoza uburenganzira bwanyje kandi niyandikisha mu iherekanywa rinini cyane ry'ubutunzi. Ubucuruzi bwanyje buri gutera imbere. Imigezi mishya y'amafaranga yinjira iri kuza mu nzira yanjye mu izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abami 7:5-8

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 15:22-16:50

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa mbere ,Gashyantare 17

## UMUJYI URI KU MPINGA Y'UMUSOZI

**Imigani 13:22**

**Muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha.**

Ushobora gutungurwa kandi ukanitotomba ko abantu bakugana bashaka gukemura ibibazo byabo,kuguza amafaranga cyangwa kukugisha inama kandi nawe ufite ibibazo byawe biguhagije ugomba gukemura.

Ndashaka ko ureba ku gice cya kabiri cy'umurongo w'uyu muni. Utugereranya n'umudugudu wubatse ku mpinga y'umusozi. Urabibona,Ntabwo wakwihisha igihe imigisha y'Uwiteka yatangiye kugaragara mu buzima bwawe.Bibiliya itubwira ngo ,”kugira ngo kujya mbere kwawe kugaragarire bese.”(1 Timoteyo 4:15). Umujyi ukora nk'izingiro ry'ubucuruzi,isoko ry'ibikenerwa bya buri muni.,n'ibindi. Abantu baratega bakajya mu migi kugira ngo babone ikibabeshaho.Uri kubona aho ibi biri kugana?

Ntuzatungurwe nubona abantu bakuzaho bagushakaho ubufasha,umeze nk'umujyi kuri bo uko ucometswe muri Kristo,ari we soko nyayo y'urumuri n'imibereho.Bakubona nk'izingiro ry'ibisubizo,rero ba Yozefu w'umuryango wawe ubundi uwuvane mu bukene!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi umucyo w'isi.Ndi izingiro ry'ibisubizo.Ni nje uri kuvana igisekuruza cyanjye mu bukene,kandi bazamenya Imana nkorera kubera ibyo babona mu buzima bwanjye mu izina rya Yesu!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 7:38

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 17-20

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Kabiri ,Gashyantare 18

## UBUBIKO BW'INGENZI

**Luka 12:33**

**Mugure ibyo mufite, mutange ku buntu. Mwidodere udusaho tudasaza, ari bwo butunzi budashira buri mu ijuru, aho umujura atabwegera n'inenzi ntizibwonone.**

Byitegereze! Dufite ububasha bwo kwijira muri banki nini,kandi ntabwo ijya igira ihungabana ry'ubukungu! Ifite ikoranabuhanga ryose rihebuje,n'ibigize umutekano bigezweho,aho nta mujura wahatera.Cyera muri 2008,isi yahuye n'ihungabana rikomeye ry'ubukungu,abantu bahura n'ibihombo bikomeye cyane ndetse birimo n'ayo bari barizigamiye yari abitswe muri za banki.

Ariko twe ntabwo turi ab'isi.Dufite amahirwe yo kubasha kwijira ku bigo by'imari byo mu ijuru birinzwe cyane ngo tubikeyo ubutunzi bwacu— ubutunzi mu ijuru binyuze mu kwitanga kubw'umurimo w'ubwami bw'ijuru. Ni ishoramari rifite ingororano zihebuje cyane n'umutekano wemewe ukurinda Sekibi.Si no kugira ingororano zihebuje gusa,n'umutima wawe uyanirana n'ubutunzi bwawe mu ijuru.Bivuze ngo uba uhaye umutima wawe Imana hamwe n'ubutunzi bwawe.Iyo umutima wawe uri kumwe n'Imana,ibyo biyitera kugusubiza mu buryo burenze ubwo watekereza. Rero bigire umuco guhora ubika ubutunzi bwawe mu ijuru!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi ugira ikarita yababitsa amafaranga menshi Muri banki yo mu ijuru; ndabitsa cyane, gutanga mu murimo w'Imana ni umuco wanjye; natwawe n'iby'ubwami bw'Imana kandi nzabikuza byinshi bitabarika mu izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 9:7-8

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 21-23

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa gatatu ,Gashyantare 19

## BA UMWIGISHWA W'IJAMBO

### 2 Timoteyo 2:15

**Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.**

Nk'umwana w'Imana wavutse bwa kabiri,ako kanya wahise uba umuturage wa Siyoni.Ubu bwami bugendera ku mategeko yabwo yihariye ku buryo Bibiliya ibyita ubupfu ku batari abenegihugu.Bivuze ko hari byinshi byo kwiga kuri ubu bwami.

Nubwo rwose ari ngombwa ko twiga amabwiriza agenga imyitwarire kugira ngo twungukire mu nyungu zose zizwana na yo,dufite n'inshingano zo kuba tuzi neza amahame y'ubwami,uko bukora,ndetse n'impamvu ari ingenzi kuba uri umuturage wabwo.Ubu bumenyi bugufasha gusangiza ubu butumwa buziye igihe kandi ugashyigikira ukwizera kwawe aho bakwibajijeho.Umwanya wakiriyemo Yesu Kristo,wahindutse umukandida ku mukoro wo kujya mu isi hose.Rero ni ingenzi cyane ko wiga ijambo kandi ukigaragaza nk'umwigishwa w'ijambo. Uko ubikora,ninako urekura Imbaraga zikurimo!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umwigishwa w'ijambo ry'Imana. Mfite ukwihuta no gusobanukirwa ijambo,n'ubushobozi budasanzwe bwo gusobanurira neza n'abandi nsangiza iyi NkuruNziza.Uko nibira byimbitse mu ijambo,imbago zanjye ziraguwe mu izina rya Yesu!

### IBINDI BYANDITSWE

2 Timoteyo 4:2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 24:1-26:34

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Kane ,Gashyantare 20

## UMWIHERERO

### Matayo 14:23

**Amaze kubasezerera aragenda, azamuka umusozi wenyine aya gusenga. Bwari bugorobye, ari yo wenyine.**

Mu gihe cy'umurimo w'umwami Yesu muri iyi si,uzasanga kenshi na kenshi yarihererega akajya ku misozi gushaka amahoro n'umutuzo kugira ngo amare umwanya mu isengesho.Yavaga mu rusaku rw'abantu babaga bamukikije kugira ngo yisubizemo imbaraga.Yagarukaga yuzuye imbaraga, akora ibitangaza bidasanzwe,yirukana abadayimoni anategeka imiraba gutuza.

Ni inshuro zingawe usubizamo imbaraga umwuka wawe,niba ubikora?Ibi bihe bituje by'ubusabane n'umwuka wera ni ingenzi cyane ku mikurire yawe yo mu mwuka no kumenyana na we.Ntabwo ndi kuvuga Ibihe by'amasengesho byuzuye ibyifuzo.Ubu ni ubusabane gusa.Zaburi 46:10 iravuga ngo,"Tuza ubundi umenye ko ari Imana" Ushobora gukikizwa n'amahoro arenze ubusobanuro, ku buryo nuhasohoka muri ubwo busabane ,ukabasha gutegeka ibigukikije gutuza kuko uba uri gukura mubikurimo,nk'uko Umwami Yesu yaturishije umuraba.Bigire intego kugira ibihe bihoraho byo kwiherera maze usenge.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka amahoro n'umutuzo mu buzima bwanjye.Ntitaye ku kavuyo kankikije ,ndaguma nshikamye,nshoye imizi mu ijambo ry'Imana, kandi mpabwa Imbaraga n'umwuka wera!

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 14:2-4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 26:35-28:31

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatanu,Gashyantare 21

## **ABASHYIRA MU BIKORWA UMUGAMBI W'IMANA**

**Ibyakozwe n'intumwa 12:5**

**Nuko Petero arindirwa mu nzu y'imbohe, ariko ab'itorero bagira umwete wo kumusabira ku Mana.**

Igihe Imana yaremaga Adamu, yamuhaye ububasha bwose bwo gutegeka no kugira ubutware ku kintu cyose kiri mu isi.Nuko Umwami Yesu araza aravuga ngo Ububasha bwose bwo mu ijuru no mu isi yarabuhawe.Nuko aduha umukoro wo kujya mu isi hose,aduhaye ububasha bwose buri hejuru y'umwanzi.

Ibitekerezo by'Imana ni uko,yaduhaye imbaraga n'ububasha bwose dukeneye ngo tuganze muri iyi si.Nusoma imirongo ibanza,uraza gusanga Herod yari amaze kwica Yakobo,akaba yari agiye guhita afunga Petero kugira ngo abe ari we ahita Yica.Kuri iyi nshuro itorero ryahise ribyuka,risinga ubudasiba.Bitoje inshingano zabo barasenga bashyira mu bikorwa umugambi w'Imana kuri ibyo bihe. Ufite inshingano zo gusenga ,ugashyira mu bikorwa umugambi w'Imana.Nk'uko itorero ryasenze ,bikarekura imbaraga zo mu ijuru zigatabara Petero muri gereza,Senga ubundi urekure imbaraga zo mu ijuru mu buzima bwawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndatura kandi ndategeka umugambi w'Imana ku buzima bwanjye.Nitoreza ububasha bwanjye bwo kuganza muri buri gice cy'ubuzima bwanjye. Nohereje abamarayika ngo bazane gukira mu mubiri wanjye Kandi bazane ubutunzi bw'amafaranga mu Izina rya Yesu.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 1:14

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 29:1-31:46

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatandatu, Gashyantare 22

## URUKUNDO RWA MBERE

### Ibyahishuwe 2:4

**Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere.**

Urabizi ko bishoboka ko wahuga cyane ukora umurimo w'Imana kugeza igihe wirengagiza Imana nyiri uwo murimo uri gukora? Ndetse wabyiyumvisha ukanagira ishema, yuko uri umukozi mwiza w'Imana, uhora apanga gahunda z'urusengero, ujya mu baturage, usura abasaza n'impfubyi, witanga mu rusengero n'ibindi byinshi.

Ariko tubasha kubona nk'uko Imana ibona muri iki cyanditswe. Ashimira umurimo ukomeye itorero riri gukora, gusa agahita avuga ku nenge nini abona mu migendanire yabo n'Imana. yaravuze ngo, "Mwaranyibagiwe, njye rukundo rwanyu rwa mbere!" Ibaze, Imana yo ubwayo ivuga ngo, "Waranyibagiwe, garuka!" Ese wowe ubwawe waba umwibuka, cyangwa wiyubukira wa musore cyangwa umukobwa mwakundanye bwa mbere?

Uyu muni, Muhindukizeho umutima wawe nanone; jya ku rukundo rwawe rwa mbere. Iga gushimisha umutima we nanone uko umuramya. Iherere uve mu rusaku rwo mu isi ubundi umarane umwanya na we mu isengesho. Uyu muni, fata umwanya wo gusabana na we.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni mpindukije umutima wanjye ku mana. Nongeye kwiyezeza ndetse no Gushimangira urukundo mfitiye Umwami w'abami. Mubutanye na we ndetse nkunzwe na we! Amen

### IBINDI BYANDITSWE

2 Ingoma 7:14

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Kubara 31:48-33:56

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Gashyantare 23

## IMASHINI ISENYA

**Ibyakozwe n'Intumwa 17:28**

**kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda turiho, nk'uko bamwe bo mu bahimbyi b'indirimo banyu bavuze bati 'Turi urubyaro rwayo.'**

Inshuro nyinshi abakristo babaho mu buzima ari nko kubaho gusa badapfuye, bakennye, bateye isoni. Uzajya wumva n'abandi bavuga ngo, "Munsi y'ibibazo, sinakwitotomba." cyangwa ukabaza umuntu uko ameze ubundi akakubwira ngo, "Ntacyo mbye." Niba ntacyo ubaye, ubwo nyine umeze neza... ntabwo ari icyaha cyangwa ubwiyemezi kuba cyangwa kuvuga ko umeze neza.

Yewe, reka twigarukire ku byo twavugaga. Rekerahere aho kugendana n'iby'iyi si, kubera ko utari uw'iyi si. Rekerahere kubaho munsi y'ibibazo. Kangukira kumenya uwo uri we n'uguhatse. Reba icyanditswe cy'uuyu munsi. "kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda turiho" Muri Kristo, turiho. Muvandimwe, uri Imashini irenze kandi isenya. Ushobora gusenya ibigoye ibyo ri byo byose utiriwe wiyuha akuya. Iyo umwanzi atekereje ko yagufatishije, cyangwa se ubukungu bw'isi bugahungabana, cyangwa se ikindi cyorezo kikaza... Uba ubifiteho ubudahangarwa byose kubera ububasha bwawe muri Kristo! Iki cyanditswe ugomba kugitekerazaho byimbitse kugeza igihe bibaye ibifatika muri wowe. Uzavuzza induru, usakuzze ubundi uce mu rukuta mu izina rya Yesu!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Sinjya ntsindwa, simvunagurwa! Nitaye ku gihagaze mu nzira yanjye, nkomeza ngenda imbere, nsenya ikinyitambitse imbere kuko ndi muri Kristo Yesu, Umwami.

Halleluya!

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 15:4-5

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uuyu munsi: Kubara 34-36: Gutegeka kwa kabiri: 1:1-15

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Ku Mbere, Gashyantare 24

## UMUKINNYI WITWAYE NEZA

Ibyakozwe n'Intumwa 9:36-40

Kandi i Yopa hari umugore w'umwigishwa witwaga Tabita, risobanurwa ngo "Doruka". Uwo mugore yagiraga imirimo myiza myinshi n'ubuntu bwinshi. Muri icyo minsi ararwara arapfa, bamaze kumwuhagira bamushyira mu cyumba cyo hejuru. Kandi kuko i Luda hari bugufi bw'i Yopa, abigishwa bumvise ko Petero ari yo ari, bamutumaho abantu babiri bamwinginga bati "Ngwino uze iwacu, ntutinde." Petero arahaguruka, ajyana na bo. Asohoyeyo bamujyana muri icyo cyumba cyo hejuru, abapfakazi bose bahagarara iruhande rwe barira, berekana amakanzu n'imyenda Doruka yababoheye akiriho. Petero abaheza bese, arapfukama arasenga, ahindukirira intumbi ati "Tabita, haguruka." Arambura amaso, abonye Petero arabyuka aricara.

Dufate urugero, Mu irushanwa ry'umupira w'amaguru (NFL), Hari igiheho cy'icyubahiro kizwi nk'igihembo cy'umukinnyi witwaye neza gihabwa umukinnyi wakoze ibidasanzwe mu mukino. Bahabwa sheki ya banki iriho amafaranga menshi ndetse n'agaciro kabo kariyongera kubwa sheki hya banki bazahabwa ubutaha.

Ngaho reba umukinnyi ufite agaciro cyane Dorukasi. Yararwaye aranapfa, nuko 'ikipe' ye ntiyari kubasha kubaho itamufite, Nuko bahamagara Intumwa Petero ngo amuzure. Ese ibyo wowe hari uwabikuvugira? Uyu muni haranira kuba umukinnyi ufite agaciro mu muryango wawe, ku rusengeru, no mu bindi bice. Menyekana ku bwo gutanga kwawe no ku bw'umurimo wawe. Uko agaciro kawe kiyongera mu mwuka, ni nako uba urinda ahazaza hawe, n'urupfu ntruba rwemerewe kugukoraho.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni ntangiye urugendo rwo kuba umukinnyi ufite agaciro cyane mu isi. Ndi ingenzi cyane kandi sinasimburwa ku bukorikori bwanjye. Kubera ibyo, Ahazaza hanjye, haramurika cyane mu izina rya Yesu!

### IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'intumwa 10:1-4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Gutegeka kwa kabiri 1:16-3:29

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Kabiri, Gashyantare 25

## **BA UMURINZI W'UMUVANDIMWE WAVE**

**Abaheburayo 10:24-25**

**Kandi tujye tuzirikana ubwacu kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza. Twe kwirengagiza guteranira hamwe nk'uko bamwe bajya bagira, ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya muni wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo.**

Abantu bakunda kuvuga ku gusununikirwa gukora nk'ibyo inshuti zawe cyangwa abo mukorana barimo gukora mu buryo bubu, gusa icyanditswe cy'uyu muni kidushishikariza guhindura no gukangurirana abandi kugaragarizanya urukundo rwacu tukazana ingaruka nziza ahantu hose turi. Bibiliya iravuga ngo, "Nkuko icyuma gityaza ikindi cyuma; Ni nako umuntu akaza mugenzi we" (Imigani 27:17).

Niyo mpamvu ari ingenzi cyane kuba mu matsinda, aho aba ari itsinda rito ry'abantu bahuje ibitekerezo, ubasha kugaburirwa ijamba ubundi ukarishyira mu bikorwa aho muri. Dufashe urugero, mukavuga ku byanditswe bivuga ku gukira indwara, ubundi ugasohoka hanze ukajya gukiza abarwayi ukagaruka kubasangiza ibisubuzo. Kiriya gice gikomeza kitubwira gukangurirana kutabura mu materaniro? Ba umurinzi wa mugenzi wawe uyu muni; Baza musaza wawe na mushiki wawe uko bameze uyu muni.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi umurinzi w'umuvandimwe wanjye. Nshishikiriza basaza na bashiki banjye kugera ku ntera ndende muri Kristo, Nkuko nabo babinshishikariza mu izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ibyakozwe n'intumwa 2:46-47

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Gutegeka kwa kabiri 4:1-6:15

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Gatatu, Gashyantare 26

## **IBIKORWA BY'UBUTWARI BIDASANZWE**

**Daniyeli 11:32**

**Abaca mu isezerano azabayobesha kubashyeshyenga, ariko abantu bazi Imana yabo bazakomera bakore iby'ubutwari.**

Tugendeye ku bipimo by'isi, tuvuga ko ubumenyi ari imbaraga kandi uhemberwa ibyo uzi mu kintu runaka. icyanditswe kiri haruguru kivuga ko abazi Imana yabo bazakomera; bazaba ibihangange mu mwuka kandi bazakora iby'ubutwari! Bibiliya iritonda cyane mu guhitamo amagambo hano. Iravuga ngo 'Iby'ubutwari,' bivuze ngo uzakora ibintu bidasanze, nta bikabyo birimo!

Izi ntera ziroroshye kuzigeraho, aho umenya Imana binyuze mu kumenya ijamba. Iyo urebye ibyo Imana yakoze kuva ku itangiriro ukageza ku mpera, uzasanga itarigeze narimwe itsindwa urugamba. N'ikimenyimenyi uzasanga Bibiliya ari ikoraniro ry'inkuru z'abantu bashatse kuyirwanya bose bagatsindwa. Wambaye intwari y'aya mateka, wahangana n'ikibazo icyo aricyo cyose uzi ko ushyigikiwe n'utajya atsindwa. Uzatera ubwoba umwanzu kugeza igihe ubereye icyamamare mu mwuka nka Pawulo, uwo imyuka mibi yaturaga ngo, "Pawulo turamuzi!" (Ibyakozwe n'intumwa 19:15) Cukumbura umenye Imana binyuze mu ihishurirwa, kandi uzaba ureba icyo uzabona kuri Noheli.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Uko ncukumbura mu bumenyi bw'Imana nkorera, Ndi gukomezwa. Ubushobozi bwanjye bwo gukora ibidasanzwe buri kwiyongera mu izina rya Yesu! Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 13:5-6

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa kabiri 6:16-9:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Kane,Gashyantare 27

## SISITEMU YARIBWE

### 2 Abakorinto 5:7

**kuko tuba tugenda tuyoborwa no kwizera, tutayoborwa n'ibyo tureba.**

Uko tugenda muri ino si,byahinduriwe kubw'inyungu zacu ku buryo umwanzu nta butabera afite!Icyanditswe cyo haruguru kivuga ko tubeshwaho no kwizera.Gusa hano hari indi nkuru:Ku mpamvu zuko uri muri iyi minisiteri y'ubuhanuzi,uzajya ugendera ahantu hahanuriwe. Mu buhanga,Ntabwo uri kujya ahazaza hatabona,Oya,Umwaka namaze kuwugendamo wose, ni mwiza kandi gutera imbere biragutegereje.

Kubwo kuba uhujwe nanjye,wabaye umusangira nanjye ku buntu buri mu buzima bwanjye.Wabasha kugera kuri buri kimwe ubona mu buzima bwanjye.Nkaho ibyo bidahagije,isi yose yategetswe kumva ijwi ryawe kandi ikumvira amategeko yawe.Iyo uteye imbuto ku butaka,iba yateguriwe kugwira.Ni nkuko ijwi ryawe riteguriwe kurema ibyo wavuze. Rero mbwira,ni gute watsindwa mu gihe ibintu byose byagushyirirweho ngo uhore utsinda!?

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Guhera uno muni,Ndakoresha inyungu zose mfite mu buryo nshaka bwose.Umuhanuzi Uebert Angel ni inyungu yange .Uko mba umufatanyabikorwa n'ubuntu buri mu buzima bwe.Ntanga umusaruro nk'uwo atanga mu izina rya Yesu! Icyubahiro kibe icy'Imana.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 1:7

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Gutegeka kwa kabiri 9:22-12:32

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku wa Gatanu, Gashyantare 28

## IZERE INZIRA

### **Abaheburayo 4:11**

**Nuko tugire umwete wo kwinjira muri ubwo buruhukiro, kugira ngo hatagira umuntu ugwa akurikije icyitegererezo cya ba bandi cyo kutumvira.**

Umaze imyaka myinshi utwara imodoka ya manuweri, aho wagombaga kuyobora, ugahindura amavitensi, ugafata feri akanakandigira ku muriro. Nuko bitunguranye, ugakangukira kumenya urwego rw'imigisha y'Imana ufite none ubu ufite imodoka ya Tesla Cybertruck. Iyingingiyo yo iritwara, wowe wiyicariye uri kunywa icyayi. Mu ntangiriro Bizakugora wisange ushaka gutwara nkuko watwaraga ya manuweli yawe.

Niyo mpamvu icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko tugomba kugira umwete wo kwinjira mu buruhukiro bwe. Umurimo ugomba gukora ni uwo kubuza imitekerereze yawe kugerageza gukora ibyiza, kugerageza kubaho ukora neza no kugerageza guharanira kuba mwiza no gutungana imbere y'Imana. Turi kubwirwa gukangukira kumenya ibyo Umwami yamaze kudukorera kugira ngo ntibidusabe gukora ahubwo tukaruhukira muri we gusa ubundi tukakira inyungu z'ubuntu yashyize kuri twe. Iyo winjiye mu buruhukiro bwe, Ntabwo aba akiri wowe ukora umurimo, ahubwo ubuntu bw'Imana nibwo buba bukugendeshya mu nzira zizatangaza imitekerereze yawe. None, iyi niyo Nkuru Nziza!

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Uyu muni, mpagaritse kandi ndekeye aho kugerageza gukora ibintu mu bushobozi bwanjye. Ninjiye mu buruhukiro bwe. Buri kimwe cyose nkora guhera none gihabwa imbaraga n'umwuka wera mu izina rya Yesu! Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 2:13

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Gutegeka kwa kabiri 13:1-16:8

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Werurwe 1

## UMUHURO UMWE

**Ibyakozwe n'Intumwa 9:3**

**Akigenda yenda gushohora I Damasiko, umucyo uramutungura uvuye mu ijuru uramugota:**

Bihora bintangaza iyo mbonye abantu benshi mu murimo w'Imana dukora. Bamwe bava mu bihugu bifite amazina ntabasha no kuvuga cyangwa kwandika amazina yabyo. Iyo mbirebye, mu mutwe wanjye hagarukamo wa muni numvaga ijwi ry'Imana muni y'igiti. nagize wo muhuro rimwe igihe nari umuhungu muto mu gice cya kure muri Zimbabwe cyitwa Chivamba. Rero, abantu bose baza mu murimo w'Imana dukora, ni ibyavuye muri uwo muhuro umwe wambayeho.

Ukeneye umuhuro umwe gusa! Pawulo intumwa yavuze ko atari guhakana iryo hishurirwa. Imbaraga z'iryo hishurirwa nizo zamuteye umwete mu butumwa bwe. Uriya muhuro yagize ubwo yarari mu rugendo rujya I Damasiko ryahinduye ibintu byose. Mu gihe usoma iri jambo rya Gihanuzi, uyu niwo muhuro wawe w'uyu muni. Ibagirwa imihangayiko yose, ibyaha, amakosa n'ibyho wananiwe. Imana iri kuguha ibikenewe byose kugira ngo ube ukomeye, kandi hamwe n'Imana nta kitazashoboka mu izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni ni umuni wanjye w'umuhuro. Ubuzima bwanjye burahindutse byuzuye. Nta kudatera imbere, ikosa cyangwa ikimwaro ukundi mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 126:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Gutegeka kwa 2 16:9-19:21

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Werurwe 2

## UWAVUKIYE I SIYONI

**Zaburi 87:5**

**Ni koko bazavuga iby’i Siyoni bati “Umuntu wese yavukiyeyo, Kandi Isumbabyose ubwayo izabakomeza.**

Abantu benshi bahuza gutsindwa kwabo n’ aho baturuka cg mu miryango yabo. Nyamara, hari ukuri batarakira mu mitwe yabo. Bibiliya itubwira ko abari mu bwami ari ab’i Siyoni. icyemezo cy’ivuko cyawe cyo kuvuka gishobora kuba kivuga ko wavukiye ahantu runaka, ariko ibyo ntacyo bivuze kuko wowe mushya atavukiye muri uwo mudugudu. Ibyangombwa byawe bishobora kuvuga uko, ariko uri umuturage w’I Siyoni. Ibyo nibyo by’ukuri nk’uko Bibiliya ibivuga.

Imbaraga ziguca intege ziva mu muryango wawe nta mwanya zifite mu buzima bwawe. Uri icyaremwe gishya, kandi ibintu byose byahindutse bishya. Ufite ubuzima bwa Kristo muri wowe. Nta kwiheba cg gustindwa mu buzima bwawe. Uzakora ibyo abandi bananiwe kubera ko uri umuturage wo mu ijuru, wavukiye hejuru ku mbuto itanduye. Uyu muni genda ugerageze imisozi yose isa nkaho itavaho, uzayibona yose ikurwaho igahinduka ibibaya.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Navukiye mu ijuru; Ndi umuturage wa Siyoni. Ntabukene, kuburirwa cg kubabara bizangeraho mu buzima bwanjye. Ndarinzwe mu izina rya Yesu. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 3: 20-21

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Gutegeka kwa 2 20:1-23:14

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Werurwe 3

## IBIGIZE IMANA

### 1 Yohana 4:4

**Bana bato, muri ab’Imana kandi ba bandi mwarabanesheje, kuko uri muri mwe aruta uri mu b’isi.**

Iyo tuvuze ngo ikintu ni icya “Zahabu”, ntibivuze ko gitunzwe na zahabu. Bivuze ko gikozwe muri zahabu. kimwe na hano, iyo Bibiliya ivuze ngo uri Uw’Imana, bivuze ko ukozwe mu bigize Imana cyangwa se ibikugize ari ibyo mu ijuru. Kuva ku mutwe kugera ku mano, ugizwe n’ibiva mu ijuru, ibintu byose muri wowe ni Imana. Iyo ugenda ntugatekereze ko uri umubiri gusa ugenda. Uri icyaremwe gikomeye cyo mu mwuka.

Indwara, gukena cyangwa gutsindwa nta mwanya bifite mu Mana, kuko harimo umucyo gusa muri yo, nta mwijima. Imana ntiyaba aho satani aba n’abambari be. Ubwo burwayi, ubukene no kubabara bikabije bigomba kumva uyu muni ubibwira ko ari umuni wo kugusohokamo. Ntibizongera kuba mu nzu y’Uwiteka. Nugenda aho ukorera, umenye ko atari wowe gusa uri gukandagiza ibirenge aho ukorera ahubwo ari Imana ubwayo. Genda ufate ubwami.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi igihangange mu mwuka, kandi ingingo zanjye ni iz’Imana. Mbaho mu butsinzi, ubuhamya bwanjye ni umugati wanjye wa buri muni. Namaze kunesha isi. Imana iri mu byanjye byose. Nteguriwe gutsinda mu izina rya Yesu!

### IBINDI BYANDITSWE

2 Petero 1:3-4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Gutegeka kwa 2 23:15-27:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Kabiri, Werurwe 4

## AMBASADE Y'IMANA

**2Abakorinto 5:20**

**Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiye n'Imana.**

Abantu benshi ntabwo bumva ubusobanuro nyabwo bwa ambasade. Batekereza ko ari inzu cyangwa ibiro bikoreramo ambasaderi. Ambasade iba ambasade iyo ambasaderi ayirimo. Iyo atarimo byitwa inzu gusa. Igituma inyubako yitwa ambasade ni uko hariho ambasaderi uyikorera. Kimwe ni uko iyo Perezida wa Amerika afashe indege, yitwa Air Force ya 1. si uko iyo ndege ikoze bituma yitwa Air Force ya 1, ahubwo ni uyirimo utuma yitwa Air Force 1.

Iyo Bibiliya ikwize ambasaderi w'ijuru, bivuze ko ahantu hose ugeze haba ambasade y'Imana. Ahantu hose uri nk'umwana w'Imana huzura kubaho kw'Imana. Ahantu Imana iri nta bukene, kubura cg ibibazo bihaha. Uyu muni, aho ujya hose urabona ibisubizo byiza by'uko uri ambasaderi w'ijuru, kandi ahantu hose uri uzana umwuka mwiza w'ijuru.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi ambasaderi w'ijuru. Ahantu ndi Imana iba ihari. Kubura, kugorwa, cg kurwara ntibiba mu buzima bwanjye mu izina rya Yesu. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Yohana 4:17

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Gutegeka kwa 2 27:11-28:68

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Werurwe 5

## URUGANDA RW'UMURIRO

**Mariko 1:35**

**Nuko mu museke arabyuka, arasohoka alya mu butayu asengerayo.**

Isi yuzuye abantu bakora ibintu bitandukanye nk'ibiryo, tekinoroji, n'intwari. Hari uruganda batararavumbura ariko rwavumbuwe natwe abakristo. Bibiliya ivuga ko mbere y'uko Yesu ahura n'abantu, yarabyukaga mu gitondo agasenga. Yakoraga iki mu gitondo? Yari ari kwatsa umuriro anawongera. Ntiyashakaga guhura n'ibigeragezo by'umunsi nta muriro yakije. Ntibitekanye gutangira umunsi utabanje kwatsa umuriro muri wowe.

Iyo usenga, uba ukomeza kwatsa umuriro wiyongera muri sisiteme yawe ku buryo satani n'abambari be ntacyo bagukoraho. Nta kintu kihanganira umuriro. Ucamo ugatwika ibikomeye byose. Uko usoma iri ijamba rya gihanuzi, tangira wingingye usenge kugira ngo ube wuzuye umuriro muri wowe. Mu Isengesho niho umuriro uhabwa imbaraga. Ntucogore gusenga, ibyo wahura nabyo byose. Wowe ukomeze usenge kandi ugende uhangare bya bindi byose watekerezaga ko bikomeye. Nta kintu cyangwa umuntu bizaguhagarika cyangwa umugambi Imana yaguhaye mu izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi uruganda rw'umuriro. Iyo nsenga, ibintu byose biranyeganyega. Ndategeka buri musozo ngo ube ikibaya mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Yuda 1:20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Gutegeka kwa 2 29:1-32:14

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Werurwe 6

## AMAVUTA

### 1 Samweli 16:13

**Samweli aherako yenda ihembe ry'amavuta ayamusukiraho imbere ya bakuru be, uhereye ubwo umwuka w'Uwiteka akajya aza kuri Dawidi cyane. Nuko Samweli arahaguruka asubira i Rama.**

Igihe Samweli yasigaga Dawidi amavuta, abamubonye batekereje ko yari amavuta gusa ku mutwe. Ariko byari birenze amavuta. Amavuta y'Imana yakiriye uriya muni yamutandukanyije n'abavandimwe be. Atangira gukora ibidasanzwe mu kibuga barwaniramo, amavuta yamuteye imbaraga. Amavuta y'Imana akurimo agutandukanya n'ibisanzwe, kandi ayo mavuta agumaho burundu. Koresha ayo mavuta guhera uyu muni. Umwana w'Imana wese afite ayo mavuta ntabwo ari abakozi b'Imana gusa.

Uko wakira ubuntu bw'Imana binyuze mu ijambo ryayo, amavuta nayo asakare mu bucuruzi, umuryango, ubuzima, n'ahantu hose mu buzima bwawe. Ntaguhagarika kuko ufite amavuta, kandi ubuntu bw'Imana burakomeye ku buzima bwawe. Na Yesu yavuze ko Umwuka w'Imana wari kuri we kandi yasizwe kugira ngo yamamaze inkuru nziza. Yari yarasizwe kugira ngo akore umukoro we. Uyu muni, ayo mavuta ari ku buzima bwawe arateza impindu ya gihanuzi idasanzwe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Gusigwa kwa'amavuta y'Imana ari ku buzima bwanjye. Mfite amavuta yo gutsinda no kuganza. Ndategeka ibintu byose bijanye n'ubuzima bwanjye kujya mu mwanya wabyo mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 10:27

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Gutegeka kwa 2 32:15-34:12: Yosua 1:1-9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Werurwe 7

## IMBARAGA ZIHAMBAYE

### 2 Abakorinto 3:18

**Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk'ubw'Umwami w'Umwuka.**

Ubwami bw'Imana ntabwo ari buguma ahantu hamwe. Bibiliya yemeza ko duhindurirwa mu bwiza tujya mu bundi, bisobanuye ko nta bwiza bujya buba ubwa nyuma ku Mana. Yifuza ko ubona ubwiza budashira. Ushobora gutekereza ko ibyo Imana yagukoreye aribyo birenze mu bushobozi bwayo, ariko Ishobora kugutungura buri munota kandi itisubiyemo. Ishobora gukora ikintu gishya mu rugo rwawe.

Iri jambo rya Gihanuzi riri kwagura amababa mu buzima bwawe uko uryumva. Nta kongera kuguma ahantu hamwe mu buzima bwawe mu izina rya Yesu. Urava ku rwego rumwe rw'ubwiza ujya ku rundi rwego. Uri muri wowe arakomeye kuruta uri mu isi, kandi nta mpamvu yo gusubira inyuma. Uratsinda wagure imbago zawe ku bw'imbaraga z'Umwuka wera. Itegere, genda maze urebe imbaraga z'Imana zikora ikintu gishya mu buzima bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana iri gukora ikintu gishya mu buzima bwanjye. Kubura, gushinjwa, icyaha cyangwa ubukene nta mwanya bifite mu buzima bwanjye. Ndi imbuto y'Isumba byose, kandi ubuzima bwanjye buhindurirwa mu bwiza bujya mu bundi.

### IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 3:20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yosua 1:10-4:24

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Werurwe 8

## INTAMBARA Z'AMAGAMBO

**Matayo 12:37**

**Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza, kandi n'amagambo yawe ni yo azagutsindisha.**

Ijambo ryose uvuga ntabwo ripfa. Riragenda, rigategereza kuzuza ibyo wavuze byose. Waba waravuze ukuri cyangwa atari ukuri, ijambo rizaharanira kubisohozza. Nimba uvuze ko ibintu bikomeye, ijambo rizatuma ibyo ukozeho byose bikomera.. nuvuga ko abantu bose bakwanga, iryo jambo rizatuma abantu bose bakwanga. Ushobora gutekereza ko uhanura ubonye ibyo wavuze bibaye, kandi uri kwiroga no gukomeza ubuzima bwawe.

Inzira yoroshye yo kurwanya amagambo mabi ni ukuyasimbuza ameza. Bibiliya ivuga ko nta ntwaro yacuriye kukurwanya izagira icyo igutwara (Yesaya 54:17), bivuze ko amagambo ashobora kurwanya umuntu. Amagambo arwanywa n'amagambo. Ushobora kuba waravuze ikintu kibi kuri wowe, ariko uyu muni hitamo kuvuga icyiza. Uri uwatoranjwe n'Imana, kandi ibyo uvuga bizana ubuzima. Atura kandi utangaze ubutunzi, imbaraga, gutera imbere, n' ubuzima bwiza mu izina rya Yesu. Ubufindo bwatumye imigozi ikugerera imigabane ahantu heza uko uvuga aya magambo.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ubuzima, amahoro n'ubutunzi. Ubufindo bwatumye imirongo ingerera imigabane ahantu heza. Nukuri nukuri kugira neza n'Imbabazi z'Imana bizanyomaho iminsi yose y'ubuzima bwanjye mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Imigani 18:21

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yosua 5:1-8:23

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Werurwe 9

## REKURA IBISUBIZO

**Yohana 7:38**

**Unyizera, imigezi y'amazi y'ubugingo izatamba iva mu nda ye, nk'uko ibyanditswe bivuga.**

Nahuye n'abantu benshi mu murimo w'imana bavuga ngo mukozi w'Imana, unsengere kugira ngo data wacu, mama wacu, umukoresha cyangwa incuti bazanyibuke. Bemera cyane ko undi muntu ari we ugomba kubakura mu bukene. Bibiliya ivuga ko mu nda zacu hazatembamo imigezi y'amazi. Uyu mugezi ntabwo uva ku Mana cyangwa mu kindi gihugu; ni muri wowe. Kristo uri muri wowe niwe byiringiro by'ibyiza. Ikintu icyo aricyo cyose kiri kukubuza gusinzira, igisubizo kiri muri wowe.

Ibuka ko aho amazi ageze hose, haboneka ubuzima. N'ahantu humye cyane hagarura ubuzima iyo amazi ahatamba. Hashobora kuba hari ahantu humye hadafite ubuzima mu buzima bwawe, ariko uyu munsi, rekura ya mazi y'ubugingo ubinyujije mubyo watura. Igisubizo kiri muri wowe, gitegereje koherezwa mu duce twose tw'ubuzima bwawe. Ikibazo cyawe kirasubijwe kubera ko ibisubizo biri gusohoka mu mwuka wawe mu izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ibisubizo byose nkeneye biri muri nje. Ndategeka ibisubizo mu bucuruzi, urushako, ubuzima, amashuri n'ibiri mu buzima bwanjye byose. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 1:27

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yosua 8:24-11:9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Werurwe 10

## KURAHO IMIGENZO

### Mariko 7:13

**Nuko ijambo ry’Imana mukarihindura ubusa kugira ngo mukomeze imigenzo yanyu yababayeho akarande. Kandi hariho n’ibindi byinshi mukora nk’ibyo.**

Igisobanuro cyanyje cy’ umugenzo ni iterambere ritagenda. Inzira zakoraga mbere mu hahise zishobora kudakora uyu muni. Mu mashuri abanza twavugaga ko rimwe ukuyemo kabiri bidashoboka. Nyuma ugera ku rwego umenya ko bishoboka. Igisubizo cya mbere hari icyiciro cyakoragaho, ariko nticyongera gukora mu cyiciro cyo hejuru. Ntugafate Imana mu buryo uyitegeka gukora ibijyanye n’ imitekerereze yawe. Ishoboye gukora ikintu gishya, igitangaza gishya mu buzima bwawe, ikintu utigeze ubona mu muryango wawe.

Bibiliya ivuga ko ijambo ry’Imana barihinduye ubusa kubera imigenzo yabo, kubera kutizera. Ntibizeraga ko umuhungu umwe wahekwa na Mariya yakora ibitangaza, ibimenyetso n’imirimo ikomeye. Bashakaga ko akora ibijyanye n’ ibyo bizera, ariko ntiyabikurikiza. Uyu muni Imana iri gukora ikintu gishya mu buzima bwawe. Ikintu kitigeze kibaho mbere kiraje mu izina rya Yesu. Izere.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kugira ijambo ry’Imana ubusa kubera kutizera kwanjye. Nizeye ko buri musuzi mu buzima bwanjye uhindutse ikibaya. Nahamagariwe gukora ibyo ba sogokuruza bananiwe mu izina rikomeye rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 15:4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yosua 11:10-14:15

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Werurwe 11

## INGARUKA Z'UMUSARABA

### 2 Abakorinto 5:17

**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Byumvikana nk'ibigoye iyo mbwiye abantu ko atari bo bateye urupfu rwa Kristo ku musaraba. Uri ingaruka, icyavuye mu rupfu rwe. Ntiwamuteye gupfa, ni wowe wa cyera wateye urupfu rwe. Bilibliya ivuga ko uri muri Kristo aba ari icyaremwe gishya. Ijambo "gishya" ni Kainos mu kigereki, bivuze ikintu kitigeze kibaho na rimwe mbere.

Uri icyaremwe gishya kitigeze kibaho mbere. Ibyaha byose n'amakosa yose byakozwe na we wa cyera. Abagushinja ibyo wakoze ejo ni nko kubona abajura bajya kukwiba aho wahoze uba mbere. Ufite gukiranuka kw'Imana muri wowe. Byose biba bishya uko wumva ibi. Dayimoni cyangwa umuvumo nta mbaraga bifite ku buzima bwawe, ufite ubuzima bushya muri Kristo. Genda ubone ubwiza bw'Imana bukora mu buzima bwawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi icyaremwe gishya. Mfite gukiranuka kwa Kristo muri nje. Ndatura kandi ndategeka ko ibintu byose mu buzima bwanyje byabaye bishya mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 2:20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yosua 15-17

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Gatatu, Werurwe 12

## IGIKENEWE MU BWAMI

### 1 Samweli 1:11

**Ahiga umuhigo aravuga ati “ Nyagasani Nyiringabo, nureba umubabaro w’umuja wawe ukanyibuka, ntunyibagirwe ukampa umwana w’umuhungu, nzamutura Uwiteka abe uwe iminsi yose yo kubaho kwe, kandi icyuma cyogoshya ntikizamugera ku mutwe.”**

Inzira yoroshye yo kubona ibisubizo by’Imana ni ugukemura ibyo ishaka. Benshi muri twe ijuru baryuzuzza ibyifuzo, amarira n’amaganya aho kubaza Imana icyo ishaka. Iyo witaye ku byo Imana ishaka, nayo yita kubyo ushaka. Nk’uko Imana ifite byose, hari ibyo yasigiye abantu bayo kugira ngo bakore muri iyi si.

Muri 1 Samweli havuga ko Ijambo ry’Imana ryari ricye, bisobanuye ko nta muhanuzi wari uhari cyangwa se ijwi ryizewe ry’Imana. Ana yari azi icyo Imana ishaka aravuga ngo “nunkuriraho ubugumba, nzaguha umuhanuzi.” byari ihererekanywa risesuye; yahisemo gutanga icyo Imana ishaka, nawe abona icyo yashakaga. Uyu muni, shaka ikintu kimwe wakora mu bwami bw’Imana- kugira neza, gufasha, cyangwa ubundi buryo bwo kwitanga mu nzu y’Imana, nawe uzabona igisubizo cyawe.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umutungo mu nzu y’Imana. Ibyanjye byose ni iby’Imana, ibyo ishaka nibyo by’ingenzi kuri nje. Nzazana benshi kuri Kristo kandi nzakora umurimo w’Imana kugeza igihe Yesu azazira. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 4:19

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yosua 18:1-21:12

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kane, Werurwe 13

## KOMEZA UGENDE

**Kuva 14:15**

**Uwiteka abaza Mose ati “Ni iki gitumye untakira? Bwira Abisirayeli bakomeze bagende.**

Igihe abana ba Isiraheli babonye umuvumba w’inyanja itukura imbere yabo n’abanyegiputa inyuma yabo, batekereje ko ariryo herezo ryabo. Ikibazo bari barimo cyari icyo gupfa nta cyizere. Umuhanuzi Mose yatakiye Imana, ariko Imana ntiyari yiteguye kumva gutaka kwe ahubwo yashakaga kumva abwira abantu be gukomeza imbere. Ni gute twakomeza imbere n’aya mazi aturi imbere? benshi bashobora kuba barabajije iki kibazo. Bagombaga gusa kwizera uwatanze amabwiriza.

Aka kanya, ushobora kuba uri guhura n’ibigeragezo bisa nk’ibidashobora gukemuka, ariko Imana irakubwira ngo komeza ugende. Gukomeza urugendo ni ikimenyetso cyo kwizera, kandi uzabona imisozi ikurwaho. Nta kizaguhagarika na kimwe nk’umwana w’Imana. Komeza ugende.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndakomeza kugenda. Kristo muri nje ni ibyiringiro by’ubwiza bwose. Buri musozi uraba ikibaya mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Gutegeka kwa 2 28:12

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yosua 21:13-23:16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Werurwe 14

## WIRANGARA

**Matayo 14:30**

**Ariko abonye umuyaga ko ari mwinshi aratinya, atangiye kurengerwa arataka ati “Databuja nkiza.**

Imbaraga zo kugera ku ikintu cyose zihishwe mukutarangara. Iyo witaye cyane ku ntego yawe, biyobora uko witwara, amahitamo n’ uko ugenda. Byaba umurimo w’Imana, cyangwa ikindi cyose, kutarangara ni rwo rufunguzo. Igihe Yesu yahamagaraga Petero mu bwato, Bibiliya yemeza ko Petero yatangiye kugenda ku mazi. Sinzi icyabaye ku mazi, ariko iyo Umwami aguhamagaye, amategeko yose arahagarara. Igihe Petero yarebaga ku muyaga, yatangiye kurohama. Igihe yarebaga Yesu, yagumye arerembye, ariko igihe yarangaye akareba umuyaga, yatangiye kurohama.

Wikwita ku muyaga; ite ku ntego yawe. Ntuhangayikishwe n’ibyo amakuru cyangwa inshuti zawe zivuga. Byose ni umuyaga. Ntugatume ibidafite umumaro bikurangaza; guma ku ntego. Abanzi n’ibirangaza birahari, ariko ntutume hari na kimwe kikurangaza. Kurikira umuhamagaro n’ umukoro wawe, urabona ukuboko gukomeye kw’Imana kuva uyu mwanya mu izina rya Yesu.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ibitekerezo byanjye birasobanutse kandi icyo nshaka kirahamye. Ntabwo nzatashuka ku gushaka kw’Imana n’impamvu yo kubaho kwanjye. Amen

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 4:25

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: Yosua 24; Abacamanza 1-2

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Werurwe 15

## UMUTI WOROSHYE

**Imigani 17:22**

**Umutima unezerewe ni umuti mwiza, Ariko umutima ubabaye umutera konda.**

Miliyoni z'abantu zipfa buri muni kubera indwara zitandukanye. N'ubwo imiryango itandukanye yibanda mu bushakashatsi mu bijyanye n'ubuvuzi, hari indwara zitabonerwa umuti. Wari uziko buri gihe iyo usetse, unezerewe, uba uhunga amavuriro? Indwara nyinshi ziterwa no guhangayika n'ibibazo by'amarangamutima.

Mu migani haravugaga ngo ishime unezerwe maze ukore umuti wawe. Umubiri wawe ukira byoroshye iyo wishimye kuruta uko wafata imiti myinshi. Ushobora kuba wababajwe n'umuntu ariko hitamo kunezerwa. Umuntu wakugiriye nabi ari mu mutima wawe yakujuje uburakari. Bababarire uhitemo kwishima. Seka mu bibazo byose, ubuzima bwawe burahindurwa bushya. Urakomeza kubaho ubuzima bw'ubumana.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Urukundo, amahoro, ubutunzi byose ni ibyanjye. Mpisemo kwishima. Umunezero wanjye ni uw'ibanze, kandi nta kizabintwara mu izina rya Yezu. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abfilipi 4:4

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abacamanza 3-5

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Werurwe 16

## INTAMBARA NZIZA

### 1 Timoteyo 1:18

**Mwana wanjye Timoteyo, ndakwihanangiriza nkurikije ubuhanuzi bwa kera bwahanuye ibyawe, kugira ngo buduheshe kurwana intambara nziza,**

Iyo wumvise “Intambara nziza” bisobanuye ko hari n’intambara mbi. Pawulo ashishikariza Timoteyo kurwana intambara nziza akoresheje ubuhanuzi yahawe. Ubuhanuzi ni intwari, igikoresho cyo kurwanisha. Igihe uhawe ubuhanuzi, uba uteguriwe kurwana. Nta dayimoni cyangwa ikindi cyaguhagarika kubera ko ufite kwizera mu byo uri kurwanira.

Bibiliya ni ijambo ryizewe ry’ ubuhanuzi, rero nta wizera Bibiliya ushobora kuvuga ko atigeze yacyira ubuhanuzi. Koresha buri sezerano ry’Imana mu byanditswe byera, cyangwa ijambo ryiza ryakuvuzweho urwana. Bwira ibigukikije n’ibintu byose biri mu buzima bwawe ko uri udatangirwa kubera ubuhanuzi. Ntuzapfa kugeza ubibonye bisohora mu izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ijambo rya gihanuzi ku murimo w’Imana nkora, umuryango, ubucuruzi n’ibindo byose. Urupfu si umugabane wanjye. Nzaberaho kubona ubuhanuzi busohora. Halleluya.

### IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 1:12

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abacamanza 6-7

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Werurwe 17

## IMBARAGA Z'IJAMBO RYAYO

**Zaburi 138:2**

**Ndasenga nerekeye urusengero rwawe rwera, Nshimira izina ryawe imbabazi zawe n'umurava wawe, Kuko washyirishije hejuru ijambo ryawe kurisohoza.**

Iyo mvuze imbaraga, ushobora gutekereza abamarayika cyangwa imbaraga zihambaye zirenze ibyo tubona mu bifatika. Ariko hari ikintu gikomeye kurusha izina ry'Imana ubwaryo- Ijambo ryayo. Byoroshye nk'uko ubyumva, Imana ikorera ku rugero rw'ijambo ryayo. Ntabwo ikora ibiri hanze y'ijambo ryayo kuko ijambo ryayo riri hejuru y'izina ryayo. Ninayo mpamvu iyo ugiye mu ijambo ryayo ugarukana ubuhamya.

Uko usoma ubu butumwa bwa gihanuzi, uri kuzuzwamo imbaraga z'Imana. Hitamo gusoma Ijambo no kuryumva. Aguka mu buntu kubera Ijambo. Ni ijambo ryizewe rya gihanuzi. Ndatura kandi ndategeka ko uko usoma iri jambo, hari uguhindurwa mu buzima bwawe mu izina rya Yesu.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ubuhamya bwanjye burizewe kubera Ijambo. Ndatura kandi ndategeka ko ndi mu murongo ngomba gukurikira mu ijambo ry'Imana. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Timoteyo 3:16-17

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abacamanza 8-9

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Werurwe 18

## IBISARURWA BYEZE

**Matayo 9:37**

**Maze abwira abigishwa be ati “ ibisarurwa ni byinshi, ariko abasaruzi ni bake.”**

Ubukristo butazana abantu kuri kristo ni kamere. Umurimo wo kuzana abantu kuri Kristo ntabwo ari uw’abakozi b’Imana gusa, ahubwo abakritso bose. Umwami Yesu yaravuze “ itegereze, ibisarurwa ni byinshi(Yohana 4:35).” Ariko bamwe baracyatanga impamvu z’uko ubutaka bwabo bukomeye, ndetse n’abakozi b’Imana. Umva neza, Yesu ntiyatanze amabwiriza yo gutumbara ku butaka ahubwo hejuru. Yavuze ko umunsi w’isarura wageze, akazi kawe ni ugusangiza ubutumwa binyuze mu ljambo uvuga, cyangwa ugasangiza ubu butumwa.

Ntiwangize ubutumwa. Guhera iyi saha, sangiza ubu butumwa undi muni. Fasha umuvandimwe kwakira Kristo. Ba igikoresho kizana abantu kuri Kristo. Genzura umenye umubare w’abantu wazanye mu bwami bw’Imana. Sangiza abandi ubutumwa, wibwangiza!

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Mbwiriza ubutumwa bwo kwiyinga; ubuzima bwanjye ni ukuzana abantu ijuru, ikuzimu bagashirayo. Nitangiye umurimo wo kwamamaza ubutuma bwiza bw’Umwami Yesu Kristo kugeza ku muni azazira. icyubahiro kibe icy’Uwiteka.

### IBINDI BYANDITSWE

Imigani 11:30

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abacamanza 10-13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatau, Werurwe 19

## ABIGOMETSE KUBWA KRISTO

**Ibyakozwe n'intumwa 15:26**

**Abantu bahaze amagara yabo ku bw'izina ry'Umwami wacu Yesu Kristu.**

Numvise abantu benshi bavuga ko bigomwa byinshi kubera Imana kubera ibyo bakora mu nzu y'Imana. Sobanukirwa ko ubuzima bwawe butari ubwawe, ahubwo ari ubw'umuremyi wawe, ukeneye kubumuha bwose. icyanditswe kivuga ku bantu batanze ubuzima bwabo mu izina rya Yesu Kristo. Bari biteguye kubura byose ku nyungu z'ubutumwa bwa Yesu.

Hari icyo wari wahara kubw' ubutumwa bwiza bwa Yesu? Hitamo inzira ya Kristo no kwamamaza ubutuma bwe. Bishobora kukuzanira gucirwa imanza, kugirirwa nabi, kwangwa ariko nyuma igihembo kizaba cyiza. Ufite umuhamagaro ukomeye wo kwamamaza inkuru y'umwami wacu Yesu Kristo. Ushobora kuba warakiriye Yesu ubwo usoma ubu butumwa, igukurikiyeho ni ukubisangiza n'abandi. Kora umurimo mu bwami, uzane abantu kuri Kristo.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuntu bw'Imana burahari ngo nzane abantu kuri kritso. Abavandimwe banjye batarakizwa bazakizwa kubera nyewe. Urakoze Mwami Yesu ku bw'ubuntu bwo kuzana abantu mu bwami bw'Imana. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'intumwa 17:6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abacamanza 14-16

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Kane, Werurwe 20

## INDEBAKURE

**Zaburi 69:30**

**Nzashimisha izina ry’Imana indirimbo, Nzayihimbarisha ishimwe ry’ibyo yankoreye.**

Indebakure zikoreshwa kugira ngo ubone ikintu neza. Iyo ushyize indebakure ku urushishi, uzabona ibice bimwe na bimwe utajyaga ubona mu busanzwe uramutse udakoresheje yi ndebakure. Iyo Bibiliya ivuze guhimbaza Imana bisobanuye kuyibona mu bundi bwiza bwayo. Iyo ibibazo byawe bisa nkaho ari binini, bibwire ko hari Imana ibiruta yaremye isi iyikuye mu busa- umuremyi w’isi utararemwe.

Umaze igihe ubwira Imana ibibazo byawe, ariko uyu muni, hitamo kubwira ibibazo byawe ko hari Imana ikomeye. Yamamaze mu maso y’abakurwanya. Bwiriza ubwo burwayi ko hari Imana ikiza byose. Ubukene ntabwo ari umugabane wawe, usenga Imana itunze inka z’ibirarashyamba ku misozi igihumbi. Bwiriza icyo kibazo gituma udasinzira, ukibone gica bugufi imbere y’izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Nta musozi uruta Imana yanjye. Ibintu byose bijyanye n’ubuzima bwanjye ndabihawe kandi birahagije mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 34:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abacamanza 17:1-20:11

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatanu, Werurwe 21

## ITANGIRIRO N'HEREZO

**Ibyahishuwe 22:13**

**Ndi Alufa na Omega, uwa mbere n'uwa nyuma, itangiriro n'iherezo.**

Ikintu cyaroshye kumva muri tewoloji(Mu nyigisho za bibiliya) ni ururimi rwa mbere Bibiliya yanditswemo, soma uva iburyo ujya ibumoso, utava ibumoso ujya iburyo. Ibi bivuze ko interuro "Itangiriro n' iherezo" bivuze "iherezo n' itangiriro". Imana dusenga ni itangirira ku iherezo mbere y'itangiriro. Bibiliya ivuga ko Yesu yabambwe ku musaraba mbere y'uko isi ibaho bivuze ko iherezo ryujwwe mbere y'uko Mariya avuka. Imana yujuje byose bikwerekeyeho, wahawe umugisha mu bifatika, n'umugisha wo mu mwuka mbere y'uko ubaho.

Miliyoni uri gushaka zamaze kuguhabwa, ubuzima bwawe buri ahashize mu maso yayo. Akira imigisha yawe uyu muni uko watura ukanatega mu mwuka. Imana yaguhaye ibyuzuye kandi nta na kimwe kibura mu izina rya Yesu.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Amafaranga yanjye, gukira indwara, kuzamurwa mu kazi n'ibindi byose ndabihawe mu izina rya Yesu. Ndakusanya ibyanjye. Ntacyo nzabura mu izina rya Yesu. Amen..

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Petero 1:3

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abacamanza 20:12-21:25; Rusi 1:1-2:13

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Werurwe 22

## IBYAMAMARE MU MWUKA

**Ibyakozwe n'Intumwa 19:15**

**Bukeye dayimoni arabasubiza ati: “Yesu ndamuzi na Pawulo ndamumenye, ariko mwebweho muri ba nde?”**

Mu isi y'ibifatika huzuyemo abo twita “Ibyamamare” bagiye bamamara kubw'impamvu zitandukanye. Ibyo ni byamamare muri iyi si y'ibifatika, ariko birashoboka ko wakwamamara mu isi y'ibifatika, mu isi y'umwuka ukaba utazwi. Reba icyanditswe cy'uyu muni- abahungu ba Sikewa bashobora kuba bari bazwi mu itorero ryabo kubera umubyeyi wabo yari umukozi w'Imana, ariko mu isi y'umwuka ntibari bazwi.

Igihe dayimoni ivuga iti “Pawulo turamuzi” ijambo kumenya risobanurwa kuba uziranye n'umuntu kandi hari ibyo mwahuriyemo. Pawulo yari icyamamare mu mwuka kugeza n'aho abadayimoni bari bamuzi, kandi ntibari kuburana nawe mu isi y'ibifatika. Fungura ijambo ry'Imana unasenge kugeza umenyekanye mu mwuka. Ba icyamamare mu isi y'umwuka, numenyekana mu mwuka nta mbaraga zo mu isi y'ibifatika zizaguhangara. Utangira kurenga imbibi mu izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana niryo ngenderaho. Nkura mu buntu binyuze mu ijambo. Ndaganza mu mwuka no mu mubiri mu izina rya Yesu. Amen

### IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 15:17

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Rusi 2:14-4:22; 1 Samweli 1

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Werurwe 23

## URUHAMWE RW'ISI

**Matayo 28:19-20**

**Ni uko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mpera y'isi. Amen.**

Umuzenguruko w'ahantu umuntu afiteho ubushobozi werekana ahantu cyangwa abantu ashobora guhindura. Abaye ari ubucuruzi, bigaragaza urugero ubwo bucuruzi bwageraho buhindura ibintu. icyanditswe cy'uyu muni kitwerekako ko Imana yaduhamagariye kwigisha amahanga yose, atari mu mudugudu gusa, cyangwa itsinda rito ry'abantu. Ishaka ko twigisha Amerika yose, Afurika cyangwa Aziya nk'iryo tsinda ry'abantu urimo.

Uragutse cyane kurusha aho uri ubu. Ntugashyire inzitizi aho uri. Gira kureba nk'uko Imana ireba mu bintu byose; wahamagariwe gukora ibikomeye. icyo gitekerezo cyawe cyagure kibe icy'amahanga ntikibe icy'aho utuye gusa. Imana ukorera ntifungiranye mu kantu gato; itegeka byose, niyo mugenga wa byose. Sohoka uyu muni utsinde ibintu mu izina rya Yesu.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Amahanga arantegereje, kandi uyu muni mpisemo kwiyerekana kubw'icyubahiro cy'Imana. Ndatara kandi ndategeka ko nta kizantangira mu izina rya Yesu. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yeremiya 1:10

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 2-4

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Werurwe 24

## UTEGURA IMIGAMBI BIDASANZWE

**Yohana 14:26**

**Ariko umufasha ariwe Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye niwe uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose.**

Imishinga cyangwa ibihugu bikomeye ni ingaruka z'imigambi iteguye neza. Gutegura imigambi neza bitandukanya ibintu bihambaye n'ibisanzwe. Aka kanya, icyo ukeneye kugira ngo uve mu bibazo urimo ni ugutegura imigambi yawe neza. Ikibazo cyawe ni, gutegura imigambi neza ni gute, cyangwa se ni he nakura umugambi mwiza.

Iyo Bibiliya isobanura Mwuka Wera nk'umujyanama mwiza, igisobanura cyiza cyabyo ni utegura imigambi neza mu buryo budasanzwe; uwo niwe Mwuka Wera. Afite uburyo bwose bwo kugukura mu bibazo urimo. Senga unafate umwanya wo kuganira na Mwuka Wera, muri kumwe mu bintu byose, azakuyobora mubyo unyuramo byose. Senga Imana, usabe Mwuka Wera kukuyobora muri byose. Kunesha no gutsinda ni ibyawe mu izina rya Yesu.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Umwuka Wera ni umufasha wanjye; nyobowe neza iminsi yose y'ubuzima bwanjye. Imishinga yanjye izakomeza kwaguka mu izina rya Yesu. Intsinzi ni iyanjye no kuzamurwa mu ntera ni ubuhamya bwanjye bwa buri muni. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 16:13

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 5:1-9:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Kabiri, Werurwe 25

## VINO NSHYA

**Luka 5:37**

**Kandi nta muntu usuka vino y'umutobe mu mifuka y'impu ishaje, uwagira atyo vino y'imitobe yaturitsa iyo mifuka, vino igasandara hasi n'imifuka ikononekara.**

Imana ni inyembaraga kandi ihora ifite ikintu gishya cyo kugutungura n'umuryango wawe. Bamwe baheze mu nzira za cyera n'imikorere, batazi ko Imana yavuze ko izakora ikintu gishya muri mwe. Bibiliya ivuga ko udashobora gushira vino nshya mu mifuka ishaje; bibaye gutyo imifuka yaturika. Ukeneye kwiremamo ubushobozi bwo kwakira mbere y'uko Imana irekura umugisha. Ikuremo inzira zose za cyera mu mwuka wawe maze wemerere Imana gukora ikintu gishya mu buzima bwawe. Ba umufuka mushya wakire imigisha mishya.

Wowe wa Kera ashobora kuba yuzuye ubunabwwe no guceceka, ariko uyu muni, hindura ibyo usanzwe uzi kubw'imbaraga z'Umwuka Wera. Uko wakira iri jambo, kuvugururwa biri kuba kugira ngo ubashe kwakira imigisha mishya y'Imana. Ntusanze nk'abandi; hakanira imigenzo isanzwe y'isi ureme icyumba cy'ibiva ku Mana. Uyu muni ndatura kandi ndatangaza ko Imana koko izakora ikintu gishya mu buzima bwawe.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndi igikoresho kijyamo vino nshya. Nahawe Ubuntu bwo gutsindira imitungo, imishinga, umurimo w'Imana n'ibindi byose mu izina rya Yesu. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 4:23-24

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 9:11-12:18

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatatu, Werurwe 26

## ICYO URI CYO MU MWUKA

### 1 Abakorinto 13:12

Icyakora none turebera mu ndorerwamo ibirorirori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk'uko namenywe rwose.

Icyo uri cyo ni imbaraga zigukingurira imiryango igihe ibindi byose byacecetse. Iyo umukuru w'igihugu ari kunyura mu muhanda, igituma ibintu byose bihagarara ni ukumenya uje uwo ari we. Kumenya ko umuntu w'ikirenga aje bishobora gutuma witwara ukuntu kudasanzwe. Abo turi bo muri Kristo nibyo biduha imbaraga mu mwuka zo kuyobora ibyo mu mwuka n'ibyo mu mubiri.

Bibiliya yemeza ko uko dufungura ku ijambo ry'Imana cyane binyuze mu byanditswe n'ibyigisho, duhindurwa mu ishusho y'Imana. Tubona abo turibo kuva twararemwe mu ishusho y'Imana. Gutsindwa nta mwanya bigifite, uzi uwo uriwe mu maso y'Imana. Nta rubanza rukuriho, urakunzwe, kandi uri muri wowe arakomeye kuruta uri mu isi. Haguruka, ufate inshingano mu buzima bwawe. Uri imboni y'ijisho ry'Imana mu izina rya Yesu. Amen.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Navukiye hejuru, mbaho hejuru y'inzitizi zose, gutsindwa ntabwo ari umugabane wanjye. Ndakomeza kubaho mu mudendezo mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

2 Petero 2:9

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 12:19-14:42

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa 4, Werurwe 27

## USHYIGIKIWE N'IJURU

**1Samweli 17:45**

**Dawidi abwira umufilisitiya ati “wanteranye inkota n'icumu n'agacumu, ariko njyewe nguteye mu izina ry'Uwiteka Nyiringabo, Imana y'ingabo za Isirayeli wasuzuguye.**

Iyo ubonye umupolisi w'amagara mato ku muhanda, ashobora kuguhagarika byoroshye kandi nawe ukamwumvira. Impamvu wumvira si uko ari umupolisi ahubwo ni abamushyigikiye. Ashobora kuba ari muto mu magara ariko inyuma ye hari guverinoma ikomeye. icy'ingenzi ni ikigushyigikiye. Dawidi yari muto cyane ugereranyije na Goliyati, ariko yari ashyigikiwe n'ijuru.

Nawe ushyigikiwe n'imbaraga zo hejuru, kandi uri muri wowe arahambaye. Hangara buri kibazo cyose n'imbaraga zose mu izina rya Yesu. Uzatsinda byoroshye kubera ko udashyigikiwe n'imbaraga izo arizo zose ahubwo ushyigikiwe n'imbaraga z'ijuru. Genda hanze utsinze.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ijuru riranshyigikiye. Ndwanya imbaraga zose mbi. Imiryango yanjye ifunguwe n'imbaraga n'amavuta by'Umwuka Wera. Amen.

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 13:5

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 14:13-17:25

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)





Kuwa Gatanu, Werurwe 28

## ABANESHA KURUSHA

**Abaroma 8:37**

**Oya, ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze.**

Intambara ziri mu byiciro: kwitegura, kurwana, gutsindwa cyangwa kunesha. Iyo Bibiliya ivuze ko abanesheje ndetse kurusha, haba hajemo ikindi cyiciro. Abanesha baracyarwana n'umwanzi ariko abarenze kunesha baratsinze kandi bicaye mu butsinzi. Barebera abandi barwana kuko bo barenze icyo cyiciro cyo kurwana.

Umwanzi yaneshejwe imyaka ibihumbi ishize ku musaraba. Ubu turi mu gihe cyo kwishimira iminyago. Satani n'abambari be bari muni y'ibirenge byacu- niho bakwiye kuba. Nta kizaguhangara kuko wicaye mu mwanya w'ubutsinzi mu izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Narenze urwego rwo kurwanya umwanzi. Namutsinze kera mu izina rya Yesu. Intsinzi yanjye, kuzamurwa mu ntera no kwaguka birizewe mu izina rya Yesu Kristo. Amen.

## IBINDI BYANDITSWE

Yohana 19:30

## UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 17:26-19:24

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Gatandatu, Werurwe 29

## KURINDA IMBIBI

**Ibyakozwe n'Intumwa 9:10**

**I Damasiko hari umwigishwa witwaga Ananiya. Umwami Yesu aramubonekera aramuhamagara ati “Ananiya.” Na we ati “ karamwe Mwami.”**

Iyo umukuru w'umuji agiye gusura ahantu, aho hantu hararindwa cyane. Abapolisi n'inzeho zishinzwe umutekano ziba ziri ahantu hose. Kuhagera uhita wumva ko hari umuntu ukomeye. Uku ni ukurinda no kuganza ahantu mu bifatika, ariko hari no kuganza mu mwuka nk'umwana w'Imana.

Igihe Pawulo yageragezaga kwinjira mu birindiro birinzwe n'amasengesho ya Ananiya, yakubiswe n'umucyo. Ubuzima bwawe nk'umwana w'Imana ntibugerwamo na satani n'abambari be. Bika amasengesho mu isi y'Umwuka maze ashireho kudahangarwa n'imitego y'umwanzi. Uko usenga uyu muni, uri kurema kudahangarwa n'umwanzi n'intwari ze. Uzakomeza kugendera mu butsinzi n'imbaraga mu izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye ntibugerwamo na satani n'abambari be. Ndwanya ibikorwa byose byo mu mwijima bishakisha ubuzima bwanjye mu izina rya Yesu. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 1:10

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 20-22

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Ku Cyumweru, Werurwe 30

## GUSUKURA AHANTU URI

**Mariko 5:10**

**Aramwinginga cyane ngo atabirukana muri icyo gihugu.**

Igihe Yesu yari agiye kwirukana abadayimoni benshi (ingabo) mu muntu, binginze Yesu ngo atabirukana muri icyo gihugu. Mu gihe bitashobokaga ko baguma mu muntu, bagerageje kwinginga Yesu ngo bagume muri icyo gihugu. Bari biteguye kuva mu muntu ariko ntibawe mu gihugu. Ushobora kuba warabohowe ariko ugikora cyangwa uba mu gace kanduye. Abana bawe bashobora kuba barabohowe ariko bacyiga ku kigo cyuzuyemo abadayimoni.

Ijambo ry’Imana no gusenga nibyo nzira yo gusukura. Agace kose utuyemo kazagenda mu mwuka wawe nukura mu ijambo no kumenya Yesu Kristo. Ntabwo uri muto ahubwo ufite imbaraga zo gukurura ubwirinzi. Atura kandi utegeke ko aho ukorera, aho utuye, n’ahantu hose ugera habohowe mu izina rya Yesu.

### **IJAMBO RYA GIHANUZI**

Urugo rwanjye rubohowe ku ngoyi zose z’abadayimoni. Ntegetse ibirindiro byanjye kuzuramo umwuka w’Imana. Aho nkandagira hose, abadayimoni baratitira. Aho ntuye n’ibinyikijije ni ahategerwamo n’abadayimoni. Halleluya.

#### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 4:12

#### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 1 Samweli 23:1-25:31

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)



Kuwa Mbere, Werurwe 31

## GUSIGA IBYAHISE INYUMA

**Kuva 14:29**

**Ariko abisirayeli bacaga hagati mu nyanja nko ku butaka, amazi ababera nk'inkike iburyo n'ibumoso.**

Igihe Abisirayeli bavaga mu buretwa bw'abanyegiputa, Uwiteka yakoze ibishoboka byose kugira ngo bambuke inyanja itukura ku butaka bwumutse. Ntiyashakaga ko binjira muri Kanani bafite ibyondo byo muri Egiputa. Bari basize uburetwa, ubukene no kubabara. Imana ntiyashakaga ko bajyana ibyo bintu byose mu buzima bushya. Ushobora kuba warabaga mu isi cyangwa wakiriye Yesu aka kanya- ibya cyera byo muri egiputa nta mwanya bigifite. Uri guhindurwa mu buzima bwa Yesu.

Muri Yesu Kristo uri icyaremwe gishya. Ibyaha byawe n'amakosa yawe nta mwanya na muto bigifite. Wowe wa kera yakoze ibyaha kandi uwo ntakiriho. Nta byondo byo muri egiputa bizagukurikira muri Kanani. Uburwayi n'ubukene nta mwanya bifite mu buzima bwawe bushya muri Yesu. Uko dufunga uku kwezi twinjira mu kundi, gutsindwa, gutinda, guhakanirwa ntibizambuka mu kwezi gushya mu izina rya Yesu.

### IJAMBO RYA GIHANUZI

Ahahise hanjye hararangiye. Mfite ubuzima bwa Kristo muri njye. Niwe byiringiro by'ubwiza bwose. Ndatura kandi ndategeka ko Imana iri gukora ikintu gishya mu buzima bwanjye. Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 43:19

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 25:32-30:10

[www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)

BYANDITSWE  
N'UMUHANUZI  
UEBERT ANGEL

## UMWAMI WACU YESU KRISTO

Umwami wacu Yesu Kristo ni we buye rukomeza imfuruka ry'Ukwizera kwa Gikristo, ubuzima bwe n'inyigisho ze byagize ingaruka ku mateka y'isi. Umwami wacu Yesu Kristo azwiho urukundo rutagereranwa, ubwenge, n'ibitangaza yakoze. Ubutumwe bushingiye ku rukundo, imbabazi, ndetse n'isezerano ry'Ubuzima buhoraho, bitanga ibyiringiro no gucungurwa kuri bose bamwizeye. Mu murimo we, yagiye hose ku butaka bw'I Yudeya, akiza abarwayi, ahumuriza abaremerewe, kandi yigisha iby'ubwami bw'Imana buhoraho.

Kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe bisobanuye kwakira inyigisho ze no kwemerera ukubaho kwe guhindura kuza mu buzima bwawe. Ni urugendo rugana mu gutunganirwa kw'umwuka, rushinze imizi mu kwizera, urukundo, no mu isezerano ry'agakiza.

Mu Mwami wacu Yesu Kristo, tubonamo imbaraga, ibyiringiro, n'inzira ijyana ku mahoro adashira. Guhindurwa mushya, cyangwa se gukizwa, ni ukubaha Imana n'umugambi wyo ndetse n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Ni ukuva mu migendere yacu ya kera tugahundukirira Yesu Kristo, kumusaba imbabazi z'ibyaha byacu maze akaduha ubuzima bushya muri We.

Abaroma 10:9 haravuga hati:

Niwatuzza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa

Agakiza ni impano itagira ikiguzi duhabwa n'Imana maze tukaba abana bayo. Ni ukwemezwa kudasubirwaho mu muryango w'Imana kandi ni imbaraga duhabwa zo kubaho ubuzima bwuzuye kandi bwiza dufite intego yo kwerekana Imana ku bindi biremwa byayo.

# ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO  
UMWAMI W'UBUZIMA BWawe  
MU GUSENGA IRI SENGESHO;

O MWAMI IMANA, NJE IWawe MU IZINA RYA  
YESU KRISTO. NIZEYE N'UMUTIMA WANJYE  
WOSE MURI YESU KRISTO, UMWANA W'IMA-  
NA NZIMA. NIZEYE KO YAMPFIRIYE KANDI  
IMANA IKAMUZURA MU BAPFUYE. NIZEYE KO  
ARI MUZIMA UYU MUNSI. NDATUZA  
AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI  
UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA  
UYU MUNSI. MURI WE NO MU IZINA RYE,  
MFITE UBUGINGO BUHORAHO; MVUTSE  
UBWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUN-  
GURA UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI  
UMWANA W'IMANA. HALELUYA!

MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA  
W'IMANA.

To receive more information on how you can grow  
as a Christian, please get in touch with us on

**UK: +44 3333 448 612 / USA +1 240 781 6942**  
**RSA +27 51 004 0209**

[www.uebertangel.org](http://www.uebertangel.org) | [www.goodnewsworld.com](http://www.goodnewsworld.com)

# ICYANDITSWE CY'UBURINZI

## YESAYA 54:

**14** NUBATSWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CYOSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE UBWOBA —NTABWO BIZANANYEGERA!

**15** UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA, NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NANTERA, CYAKIZAVAMO.

**16** IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKI INYUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGENWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIMBUZI.

**17** ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INTWARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYOMA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

**IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO  
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!**

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH

# UMUYOBOZI WAVE WA GIHANUZI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsu ubu iboneka mu byiciro by'ingimbi ndetse n'icy'abana, hamwe n'inyigisho yari isanzweho, biguha ubutumwa bwawe bwa gihanuzi buvuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel buri munsu. Izi nyigisho zandikiwe kukuzana ijamba ry'Imana rizima kuri buri wese mu muryango wawe. Inyigisho y'abana ibamenyesha kwizera, urukundo, n'amasezerano y'Imana mu buryo babasha kumva kandi bisanzuyemo, naho inyigisho y'ingimbi itanga ubumenyi bwimbitse bwo kubayobora mu buzima bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga. Buri munsu, ujye wakira ubuyobozi bwa gihanuzi bwaremewe urugendo rwawe n'Imana, mu kigero cyose waba urimo! Ntucikanwe n'aya mahirwe maze ubone inyigisho yawe nta kiguzi uyu munsu.



SCAN ME

BYANDITSWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



# IYEREKWA RYO KUGERA KURI BENSHI KU ISI YOSE RISABA INGENGO Y'IMARI YAKWIRA ISI YOSE ITANZWE NA BENSHI KU ISI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Mu bufatanye bwanyu budasubirwaho n'inkunga yanyu y'amafaranga tubasha gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni kuri buri gice cyose cy'isi tukabwira abatabizi iby'inkuru nziza y'ihishurirwa ry'Umwami wacu Yesu Kristo nk'uko twigishijwe na Nyakubahwa Umuhanuzi Uebert Angel. Tubasha gusemura, tugacapa, kandi tugasakaza inyigisho y'Inkuru Nziza igihe tugiye mu butumwa, muri campaign ya GoodNews On-The-Go, no muri campaign yo gutera inkunga igihugu cyangwa se ururimi kugira ngo tugeze kure ubutumwa bwiza. Ba umufatanyabikorwa n'umunyamigabane muri uyu mukoro w'isi yose maze wifatanye natwe mu kujyana ubutumwa bw'Imana mu mahanga yose ari ku isi muri iyi Ntumwa yacu, ari yo Inkuru Nziza ya buri muni.

Byanditswe  
n'Umuhanuzi  
Uebert Angel

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

PARTNER AT: [WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM](http://WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM)



# GUKIRA NO GUKIZA INDWARA BIROROSHYE!

Mūnabii Uebert Angel nĩ kīndū gĩthuurĩtwo nĩ Umuhanuzi Uebert Angel ni igikoresho cyatorenijwe n'Imana kugira ngo asohoze umugambi wayo, yahawe igihe yahuraga n'Imana by'igitangaza. Muri uwo muhuro, Imana yamutegetse gukiza abarwayi no gusakaza imbaraga z'Imana zikiza ku isi yose. Muri uyu mukoro, Umuhanuzi Uebert Angel yahawe inshingano zo kumenyekanisha imbaraga z'Imana zikiza. Ayobowe n'Umwuka Wera, yakijije indwara mu buryo budasanzwe, byabyaye ibitangaza bitagira umubare aho abantu batakize gusa indwara zo ku mubiri ahubwo babonye ukubaho kw'Imana ndetse n'Imbaraga zayo.

Byiyongereye ku muhamagaro we wa gihanuzi, Umuhanuzi Uebert Angel ari mu barangaje imbere umurimo wo gukiza indwara n'agakiza ku isi yose. Mu murimo yahawe n'Imana, ubugingo bwinshi bwakiriye impinduka z'umubiri ndetse n'iz'umwuka. Uko abantu bakira indwara, abandi benshi nabo bakiriye agakiza, babona umwuzuro w'urukundo rw'Imana no kubohoka. Biciye mu kumvira uko Imana imuyoboye, Umuhanuzi Uebert Angel akomeje kurenga aho abandi batarenze, yinjira mu mbaraga z'Imana kandi ahindura ubuzima ku isi yose.

## Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

FOR MORE VISIT: [WWW.HEALINGINSTITUTE.ORG](http://WWW.HEALINGINSTITUTE.ORG)





## BA UMUFATANYABIKORWA UTERA INKUNGA YO GUSOHORA IYI NYIGISHO MU RUNDI RURIMI

Ifatanye natwe mu rugendo rudasanzwe rwo gutera inkunga no gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza kugira ngo twinjire mu mitima ya benshi ku isi yose. Dufatanyirije hamwe, twasakaza ubutumwa bw'inkuru nziza y'ubuntu bw'Imana muri buri mujiyi, buri muhanda na buri rugo mu ndimi nyinshi ziri ku isi. Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku buntu ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twabonye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose. Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

SPONSOR AT: WWW.GOODNEWSDAILY DEVOTIONAL.COM

IBONEKA MU NDIMI NYINSHI

# INKORANYA Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

GURA IYawe  
UYU MUNSI!



Gushaka Ijambo ry'Imana: gufungura ubutunzi bw'umwuka buri mu nkoranya y'Inkuru Nziza ya buri munsu. Mu gushaka ubuzima bushinze muri Kristo byimbitse, kwiha Ijambo ry'Imana bitanyeganyezwa ni ingenzi. Inkoranya y'Inkuru Nziza ya buri munsu, Igitabo cyayo cya mbere, itanga ubumenyi butagereranywa muri uri rugendo, ikagabanya mu byiciro ubutumwa bwa Kristo kugira ngo ubyige neza kandi ubisobanukirwe ku buryo byoroshye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

# IKAZE KU RUBUGA RWACU! BYANDITSWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

SURA URUBUGA RWACU

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL



Habwa imbaraga za buri muni no gukura k'umwuka usura urubuga w'Inkuru Nziza ya buri muni. Ibira mu Ijambo ryawe rya gihanuzi ry'umunsi maze ukusanye amakuru yahindura ubuzima bwawe. Ntucikanywe n'amahirwe yo kujya byimbitse mu kwizera kwawe ndetse ubone umunezero mu Ijambo ry'Imana. Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya buri muni uyu muni!


For more information visit: [www.goodnewsdailydevotional.com](http://www.goodnewsdailydevotional.com)

You can also send an email to: [gnd@goodnewsworld.com](mailto:gnd@goodnewsworld.com)


Or Call At: **USA: +1 (240) 781-6942 UK: +44 333 344 8612**

**ZW: +263 773 195 955 RSA: +27 (51) 004-0209**

# BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Ngwino mu muryango w'abatangira umunsi bumva inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi ku isi yose. Umva Inkuru Nziza ku rubuga rwa Spotify maze igufashe mu rugendo rwawe rwo gukura mu mwuka no kumenya ukuri kwa Bibiliya munsi y'ihishurirwa n'inyigisho z'Umuhanuzi Uebert Angel.



# BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Youtube

Tukugezaho ubuhamywa bwabayeho bugaragaza uko inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi yagize umumaro ukomeye ku isi yose binyuze ku ruguba rwacu kuri YouTube. Nk'inyigisho ya buri munsi ya mbere, yakoze ku buzima bw'imbaga y'abantu, isakaza ubutumwa bwo kwiringira, urukundo n'ukwizera. Mu nyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi yabaye igikoresho gikomeye kizana impinduka mu buzima bwite bw'abantu, itera imbaraga abantu, imiryango n'abana zo kubaho ubuzima bufite intego kandi bwuzuye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel



SUBSCRIBE NOW

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



**The Good News World Helplines**

**USA: +1 (240) 781-6942**

**UK: +44 333 344 8612**

**ZW: +263 773 195 955**

**RSA: +27 (51) 004-0209**

[www.goodnewsworld.com](http://www.goodnewsworld.com)